ITEGEKO Nº 065/2021 RYO KU WA 09/10/2021 RIGENGA AKARERE	LAW Nº 065/2021 OF 09/10/2021 GOVERNING THE DISTRICT	LOI Nº 065/2021 DU 09/10/2021 RÉGISSANT LE DISTRICT
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2 : Définitions**
Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko	**Article 3: Scope of this law**	**Article 3 : Champ d'application de la présente loi**
Ingingo ya 4: Inzego z'imitegekere y'Igihugu zigize Akarere	**Article 4: Administrative entities of a District**	**Article 4 : Entités administratives d'un District**
Ingingo ya 5: Ubuzimagatozi	**Article 5: Legal personality**	**Article 5 : Personnalité juridique**
Ingingo ya 6: Akarere karimo Umujyi munini	**Article 6: District with a city**	**Article 6 : District ayant une grande ville**
Ingingo ya 7: Icyicaro cy'Akarere	**Article 7: Head office of a District**	**Article 7 : Siège d'un District**

UMUTWE WA II: INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INZEGO Z'UBUYOBOZI Z'AKARERE	**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF GOVERNING ORGANS OF A DISTRICT**	**CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE DIRECTION D'UN DISTRICT**
Icyiciro cya mbere: Inshingano z'Akarere	**Section One: Responsibilities of a District**	**Section première : Attributions d'un District**
Ingingo ya 8: Inshingano z'Akarere	**Article 8: Responsibilities of a District**	**Article 8 : Attributions d'un District**
Icyiciro cya 2: Inzego z'ubuyobozi z'Akarere, imitunganyirize n'imikorere yazo	**Section 2: Management organs of a district, their organisation and functioning**	**Section 2 : Organes de direction d'un district, leur organisation et leur fonctionnement**
Ingingo ya 9: Inzego z'ubuyobozi	**Article 9: Management organs**	**Article 9 : Organes de direction**
Akiciro ka mbere: Inama Njyanama y'Akarere	**Sub-section One: District Council**	**Sous-section première : Conseil de District**
Ingingo ya 10: Inshingano z'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 10: Responsibilities of the District Council**	**Article 10 : Attributions du Conseil de District**
Ingingo ya 11: Ububasha bw'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 11: Powers of the District Council**	**Article 11 : Pouvoirs du Conseil de District**
Ingingo ya 12: Abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 12: Members of the District Council**	**Article 12 : Membres du Conseil de District**
Ingingo ya 13: Manda y'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 13: Term of office of members of the District Council**	**Article 13 : Mandat des membres du Conseil de District**
Ingingo ya 14: Ibisabwa kugira ngo	**Article 14: Conditions required to stand**	**Article 14 : Conditions requises pour**

umukandida yemerwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere	**for election as a member of the District Council**	**être candidat au Conseil de District**
Ingingo ya 15: Itorwa ry'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 15: Election of members of the District Council**	**Article 15 : Élection des membres du Conseil de District**
Ingingo ya 16: Kurahira kw'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 16: Oath of members of the District Council**	**Article 16 : Prestation de serment des membres du Conseil de District**
Ingingo ya 17: Imirimo itabangikanywa n'iy'ubujyanama	**Article 17: Duties incompatible with membership in the Council**	**Article 17 : Fonctions incompatibles avec celles de conseiller**
Ingingo ya 18: Ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 18: Decisions of the District Council**	**Article 18 : Décisions du Conseil de District**
Ingingo ya 19: Inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 19: Verbatim report of the meeting of the District Council**	**Article 19 : Procès-verbal de la réunion du Conseil de District**
Ingingo ya 20: Biro y'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 20: Bureau of the District Council**	**Article 20 : Bureau du Conseil de District**
Ingingo ya 21: Inshingano za Biro y'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 21: Responsibilities of the Bureau of the District Council**	**Article 21 : Attributions du Bureau du Conseil de District**
Ingingo ya 22: Inshingano n'imikorere by'Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 22: Responsibilities and functioning of members of the Bureau of the District Council**	**Article 22 : Attributions et fonctionnement des membres du Bureau du Conseil de District**
Ingingo ya 23: Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 23: Commissions of the District Council**	**Article 23 : Commissions du Conseil de District**
Ingingo ya 24: Inshingano n'imikorere bya Komisiyo zigize Inama Njyanama	**Article 24: Responsibilities and functioning of commissions of the**	**Article 24 : Attributions et fonctionnement des commissions du**

	Council	**Conseil**
Ingingo ya 25: Ubuyobozi bwa Komisiyo	**Article 25: Chairpersonship of a commission**	**Article 25 : Présidence d'une commission**
Ingingo ya 26: Komite Ngenzuzi y'Akerere	**Article 26: District Audit Committee**	**Article 26 : Comité d'audit de District**
Ingingo ya 27: Iterana ry'Inama Njyanama y'Akarere n'ibigenerwa abayigize	**Article 27: Meetings of the District Council and sitting allowances for its members**	**Article 27 : Séances du Conseil de district et jetons de présence de ses membres**
Ingingo ya 28: Impamvu zituma Umujyanama w'Akarere ava mu mwanya w'ubujyanama	**Article 28: Reasons for ceasing of duties of a District councillor**	**Article 28 : Motifs de perte de la qualité de conseiller de District**
Ingingo ya 29: Iseswa ry'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 29: Dissolution of District Council**	**Article 29 : Dissolution du Conseil de District**
Ingingo ya 30: Ubuyobozi bw'inzibacyuho mu gihe Inama Njyanama yasheshwe	**Article 30: Transitional chairpersonship in case of dissolution of the Council**	**Article 30 : Présidence transitoire en cas de dissolution du Conseil**
Akiciro ka 2: Komite Nyobozi y'Akarere	**Sub-section 2: District Executive Committee**	**Sous-section 2 : Comité exécutif de District**
Ingingo ya 31: Inshingano za Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 31: Responsibilities of the District Executive Committee**	**Article 31 : Attributions du Comité exécutif de District**
Ingingo ya 32: Ububasha bwo gushyira abakozi mu myanya, kubahagarika by'agateganyo no kubasezerera burundu	**Article 32: Power to recruit, suspend and permanently dismiss staff**	**Article 32 : Pouvoir de nommer, de suspendre et de révoquer définitivement le personnel**

Ingingo ya 33: Ububasha bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo	**Article 33: Power to supervise the implementation of activities**	**Article 33 : Pouvoir de superviser l'exécution des activités**
Ingingo ya 34: Abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 34: Members of the District Executive Committee**	**Article 34 : Membres du Comité exécutif de District**
Ingingo ya 35: Inshingano z'Umuyobozi w'Akarere	**Article 35: Responsibilities of the District Mayor**	**Article 35 : Attributions du maire de District**
Ingingo ya 36: Inshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu	**Article 36: Responsibilities of the Vice Mayor in charge of Economic Development**	**Article 36 : Attributions du vice maire chargé du développement économique**
Ingingo ya 37: Inshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage	**Article 37: Responsibilities of the Vice Mayor in charge of Social Affairs**	**Article 37 : Attributions du vice maire chargé des affaires sociales**
Ingingo ya 38: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 38: Conditions required to be a member of the District Executive Committee**	**Article 38 : Conditions requises pour être membre du Comité exécutif de District**
Ingingo ya 39: Itorwa ry'abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 39: Election of the District Executive Committee**	**Article 39 : Élection du Comité exécutif de district**
Ingingo ya 40: Kurahira kw'abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 40: Swearing-in of members of the District Executive Committee**	**Article 40 : Prestation de serment des membres du Comité exécutif de District**
Ingingo ya 41: Manda y'abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 41: Term of office of members of the District Executive Committee**	**Article 41 : Mandat des membres du Comité exécutif de District**
Ingingo ya 42: Ubuyobozi bw'agateganyo mu gihe cy'amatora	**Article 42: Temporary management during elections of members of the**	**Article 42 : Direction temporaire lors des élections des membres du Conseil de**

y'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**District Council**	**District**
Ingingo ya 43: Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Komite Nyobozi	**Article 43: Salary and fringe benefits allocated to members of the Executive Committee**	**Article 43 : Salaire et autres avantages accordés aux membres du Comité exécutif**
Ingingo ya 44: Ibihabwa ugize Komite Nyobozi ucyuye igihe	**Article 44: Allowances for a member of the Executive Committee whose term of office comes to an end**	**Article 44 : Avantages accordés à un membre du Comité exécutif dont le mandat prend fin**
Ingingo ya 45: Gufatira icyemezo ugize Komite Nyobozi y'Akarere witwaye nabi	**Article 45: Suspension and dismissal of a member of the District Executive Committee for misconduct**	**Article 45 : Suspension et révocation d'un membre du Comité exécutif de District pour inconduite**
Ingingo ya 46: Ivanwaho ry'abagize Komite Nyobozi bose	**Article 46: Dismissal of all members of the Executive Committee**	**Article 46 : Révocation de tous les membres du Comité exécutif**
Ingingo ya 47 : Uburenganzira bw'ugize Komite Nyobozi y'Akarere bwo kuregera icyemezo yafatiwe	**Article 47: Right of a member of the District Executive Committee to appeal against action taken against him or her**	**Article 47 : Droit d'un membre du Comité exécutif de district de faire recours contre la mesure prise à son encontre**
Ingingo ya 48: Kuyobora Akarere by'agateganyo	**Article 48: Transitional management of a District**	**Article 48 : Direction transitoire d'un District**
Akiciro ka 3: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere	**Sub-section 3: District Executive Secretariat**	**Sous-section 3 : Secrétariat exécutif de District**
Ingingo ya 49: Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere	**Article 49: Responsibilities of the District Executive Secretariat**	**Article 49 : Attributions du Secrétariat exécutif de District**
Ingingo ya 50: Abagize Ubunyamabanga	**Article 50: Members of the District**	**Article 50 : Membres du secrétariat**

Nshingwabikorwa bw'Akarere	**Executive Secretariat**	**exécutif de District**
Ingingo ya 51: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere	**Article 51: Responsibilities of the District Executive Secretary**	**Article 51 : Attributions du secrétaire exécutif de District**
Ingingo ya 52: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Abakozi b'Akarere	**Article 52: Organisational structure of a district**	**Article 52 : Structure organisationnelle d'un District**
Ingingo ya 53: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi	**Article 53: Salaries and fringe benefits for the staff**	**Article 53 : Salaires et autres avantages accordés au personnel**
Ingingo ya 54: Amafaranga agenerwa inzego z'imitegekere y'Igihugu mu Karere yo gutunganya inshingano zihariye	**Article 54: Operation fees for administrative entities within a district**	**Article 54 : Frais d'opérations pour les entités administratives au sein d'un District**
Akiciro ka 4: Komite y'Umutekano y'Akarere	**Sub-section 4: District Security Committee**	**Sous-section 4 : Comité de sécurité de District**
Ingingo ya 55: Inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere bya Komite y'umutekano y'Akarere	**Article 55: Responsibilities, powers, organization and functioning of the District Security Committee**	**Article 55 : Attributions, compétence, organisation et fonctionnement du Comité de sécurité de District**
UMUTWE WA III: KOMITE MPUZABIKORWA Y'AKARERE	**CHAPTER III: DISTRICT COORDINATING COMMITTEE**	**CHAPITRE III : COMITÉ DE COORDINATION DE DISTRICT**
Ingingo ya 56: Komite Mpuzabikorwa	**Article 56: Coordinating Committee**	**Article 56 : Comité de coordination**
Ingingo ya 57: Inshingano za Komite	**Article 57: Responsibilities of the**	**Article 57 : Attributions du Comité de**

Mpuzabikorwa	**Coordinating Committee**	**coordination**
Ingingo ya 58: Imiterere ya Komite Mpuzabikorwa	**Article 58: Structure of the Coordination Committee**	**Article 58 : Structure du Comité de coordination**
Ingingo ya 59: Imikorere ya Komite Mpuzabikorwa	**Article 59: Functioning of the Coordination Committee**	**Article 59 : Fonctionnement du Comité de coordination**
UMUTWE WA IV: INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY' UMURENGE, AKAGARI N'UMUDUGUDU	**CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF A SECTOR, CELL AND VILLAGE**	**CHAPITRE IV : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT D'UN SECTEUR, D'UNE CELLULE ET D'UN VILLAGE**
Ingingo ya 60: Inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Umurenge, Akagari n'Umudugudu	**Article 60: Responsibilities, organisation and functioning of a sector, cell and village**	**Article 60 : Attributions, organisation et fonctionnement d'un secteur, d'une cellule et d'un village**
UMUTWE WA V: IMIKORANIRE, UBUFATANYE N'UBUTWERERANE	**CHAPTER V: COLLABORATION, PARTNERSHIP AND COOPERATION**	**CHAPITRE V : COLLABORATION, PARTENARIAT ET COOPÉRATION**
Ingingo ya 61: Imikoranire hagati y'Akarere n'izindi nzego za Leta zo ku rwego rw'Igihugu	**Article 61: Collaboration between a district and other State institutions at national level**	**Article 61 : Collaboration entre un district et les autres institutions de l'État au niveau national**
Ingingo ya 62: Ubufatanye bw'Uturere	**Article 62: Partnership among districts**	**Article 62: Partenariat entre les districts**
Ingingo ya 63: Ubutwererane hagati y'Akarere n'inzego z'imitegekere zo mu mahanga	**Article 63: Cooperation between a district and foreign administrative entities**	**Article 63 : Coopération entre un District et les entités administratives étrangères**
UMUTWE WA VI: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE	**CHAPTER VI: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS TRANSITOIRE, DIVERSES ET**

N'IZISOZA	PROVISIONS	FINALES
Ingingo ya 64: Inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'inzego z'ubuyobozi z'Akarere, iby'inzego zigashamikiyeho n'imikoranire, ubufatanye n'ubutwererane n'izindi nzego	**Article 64: Responsibilities, organisation and functioning of governing organs of a District, those of affiliated organs and collaboration, partnership and cooperation with other organs**	**Article 64 : Attributions, organisation et fonctionnement des organes de direction d'un District, ceux des organes affiliés et collaboration, partenariat et coopération avec d'autres organes**
Ingingo ya 65: Urwego rukemura impaka zikomoka ku mbibi z'Uturere	**Article 65: Organ in charge of settlement of disputes arising from District boundaries**	**Article 65 : Organe de résolution des litiges résultant des limites des Districts**
Ingingo ya 66: Urwego rukemura impaka zikomoka ku mbibi z'Imirenge, Utugari n'Imidugudu	**Article 66: Organ in charge of settlement of disputes arising for Sectors, Cells and Villages boundaries**	**Article 66 : Organe de résolution des litiges résultant des limites des Secteurs, des Cellules et des Villages**
Ingingo ya 67: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 67: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 67 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 68: Ingingo zizigama, n'ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 68: Saving and repealing provision**	**Article 68 : Disposition de sauvegarde et abrogatoire**
Ingingo ya 69: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 69: Commencement**	**Article 69 : Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 065/2021 RYO KU WA 09/10/2021 RIGENGA AKARERE	**LAW Nº 065/2021 OF 09/10/2021 GOVERNING THE DISTRICT**	**LOI Nº 065/2021 DU 09/10/2021 RÉGISSANT LE DISTRICT**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Nzeli 2021	The Chamber of Deputies, in its sitting of 29 September 2021;	La Chambre des Députés, en sa séance du 29 septembre 2021 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 6, iya 63, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 5, 6, 63, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 5, 6, 63, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 121, 122 et 176 ;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 29/2005 ryo ku wa 3l/12/2005 rigena inzego z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda	Pursuant to Organic Law nº 29/2005 of 31/12/2005 determining the administrative entities of the Republic of Rwanda as	Vu la Loi Organique n° 29/2005 du 31/12/2005 portant organisation des entités administratives de la République du

nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;	amended to date;	Rwanda telle que modifiée à ce jour ;
Isubiye ku Itegeko nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	Having reviewed Law n° 87/2013 of 11/09/2013 determining the organisation and functioning of decentralized administrative entities;	Revu la Loi n° 87/2013 du 11/09/2013 portant organisation et fonctionnement des entités administratives décentralisées ;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'Akarere.	This Law determines the organisation and functioning of a District.	La présente loi détermine l'organisation et le fonctionnement d'un District.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2 : Définitions**
Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	For the purposes of this Law, the following terms have the following meanings:	Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes :
1 º **Inzego za Leta zo ku rwego rw'Igihugu**: Minisiteri, Inzego n'Ibigo bya Leta bikorana n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta zitandukanye;	1 º **state institutions at national level**: ministries, public organs and institutions working with decentralised administrative entities to implement various Government programs;	1 º **institutions de l'État au niveau national** : ministères, organes et institutions publics œuvrant avec les entités administratives décentralisées pour mettre en œuvre divers programmes du gouvernement ;
2 º **Minisitiri**: Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu	2 º **Minister**: The minister in charge of local government.	2 º **Ministre**: ministre ayant l'administration locale dans ses

nshingano.		attributions.
Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko	**Article 3: Scope of this Law**	**Article 3 : Champ d'application de la présente loi**
Iri tegeko rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Akarere gafite ubuzimagatozi n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zikagize.	This Law governs the organisation and functioning of a District having legal personality and decentralised administrative entities of a District.	La présente loi régit l'organisation et le fonctionnement d'un District doté de personnalité juridique et des entités administratives décentralisées d'un District.
Ingingo ya 4: Inzego z'imitegekere y'Igihugu zigize Akarere	**Article 4: Administrative entities of a District**	**Article 4 : Entités administratives d'un District**
Akarere kagabanyijemo inzego z'imitegekere y'Igihugu zigizwe n'Imirenge igabanyijemo Utugari n'Utugari tugabanyijemo Imidugudu.	A District is divided into administrative entities comprised of Sectors that are subdivided into Cells and Cells into Villages.	Un District est divisé en entités administratives composées de Secteurs qui sont subdivisés en Cellules, et les Cellules subdivisées en Villages.
Ingingo ya 5: Ubuzimagatozi	**Article 5: Legal personality**	**Article 5 : Personnalité juridique**
Akarere ni urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rufite imiyoborere yihariye, ubuzimagatozi, ubwigenge mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi.	A District is a decentralised, specialised administrative entity having legal personality and enjoying administrative, financial and human resource management autonomy.	Un District est une entité administrative décentralisée, spécialisée dotée de la personnalité juridique et jouissant de l'autonomie de gestion administrative, financière et des ressources humaines.
Imirenge, Utugari n'Imidugudu bigize Akarere ni inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zidafite ubuzimagatozi.	Sectors, Cells and Villages which form a District are decentralized administrative entities without legal personality.	Les Secteurs, les Cellules et les Villages composant un District sont des entités administratives décentralisées ne jouissant pas de personnalité juridique.

~~Ingingo~~ ya 6: Akarere karimo Umujyi munini	**Article 6: District with a city**	**Article 6 : District ayant une grande ville**
Akarere gashobora kugira Umujyi munini nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.	A District may have a city as provided for by relevant laws.	Un District peut avoir une grande ville comme le prescrit la législation en la matière.
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imicungire yihariye y'Akarere karimo umujyi munini.	An Order of the Prime Minister determines the specific organisation of a District with a city.	Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation spécifique d'un District ayant une grande ville.
Ingingo ya 7: Icyicaro cy'Akarere	**Article 7: Head office of a district**	**Article 7 : Siège d'un district**
Icyicaro cy'Akarere gishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri, ashingiye ku cyemezo cy'Inama Njyanama y'Akarere.	The head office of a district is established by an Order of the Minister, on decision by the Council of a district.	Le siège d'un district est établi par un arrêté du Ministre sur décision du Conseil d'un District.
UMUTWE WA II: INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INZEGO Z'UBUYOBOZI Z'AKARERE	**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF GOVERNING ORGANS OF A DISTRICT**	**CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE DIRECTION D'UN DISTRICT**
Icyiciro cya mbere: Inshingano z'Akarere	**Section One: Responsibilities of a District**	**Section première : Attributions d'un District**
Ingingo ya 8: Inshingano z'Akarere	**Article 8: Responsibilities of a District**	**Article 8 : Attributions d'un District**
Akarere gafite inshingano zikurikira:	A District has the following responsibilities:	Un District a les attributions suivantes :
1 º gushyira mu bikorwa politiki za Leta;	1 º to implement Government policies;	1 º mettre en œuvre les politiques de l'État;

2 º gutanga serivisi zidatangirwa ku zindi nzego z'imitegekere y'Igihugu z'Akarere;	2 º to provide services that are not delivered by other administrative entities of a District;	2 º fournir les services qui ne sont pas offerts par d'autres entités administratives d'un District ;
3 º gukurikirana imiyoborere y'Imirenge;	3 º to monitor the administration of Sectors;	3 º faire le suivi de l'administration des Secteurs ;
4 º gutegura igenamigambi ry'Iterambere ry'Akarere no kurishyira mu bikorwa;	4 º to prepare the development plan of a District and ensure its implementation;	4 º préparer le plan de développement d'un District et le mettre en œuvre ;
5 º guhuza no gushyira mu bikorwa gahunda z'amajyambere;	5 º to coordinate and implement development programs;	5 º coordonner et mettre en œuvre les programmes de développement ;
6 º kwita ku bikorwaremezo, ibya tekiniki n'iby'imari;	6 º to maintain infrastructure and handle technical and financial matters;	6 º maintenir les infrastructures et régler les questions techniques et financières ;
7 º gushaka umutungo no gushyiraho ingamba n'amabwiriza yo gukusanya imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga;	7 º to mobilise resources and put in place strategies for collection of taxes and fees in accordance with relevant laws;	7 º mobiliser des ressources et mettre en place des stratégies de collecte des taxes et impôts conformément à la législation en la matière ;
8 º gukurikirana ibikorwa n'imikorere by'izindi nzego z'imirimo za Leta zikorera ku rwego rw'Akarere;	8 º to monitor activities and functioning of other State organs operating at the District level;	8 º faire le suivi des activités et du fonctionnement d'autres organes de l'État opérant au niveau de District ;
9 º guteza imbere ubufatanye n'ubutwererane hagati y'Akarere n'utundi Turere, Imijyi n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa mu mahanga.	9 º to promote partnership and cooperation with other Districts, Cities and other organs at national or international levels;	9 º promouvoir le partenariat et la coopération avec d'autres Districts, Villes ou autres organes; au niveau national ou international ;
10 º kubungabunga umutekano	10 ºto maintain the safety of people and	10 º assurer la sécurité des personnes et des

w'abantu n'ibintu mu Karere;	property in a District;	biens au sein d'un District ;
11 º guhuza ibikorwa by'igenamigambi ry'Imirenge;	11 ºto coordinate planning activities of Sectors;	11 º coordonner les activités de planification des Secteurs ;
12 º gushyiraho gahunda z'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu no kuziteza imbere.	12 ºto put in place and promote programs designed to promote the social welfare and economic development.	12 º mettre en place et promouvoir les programmes de promotion du bien-être de la population et du développement économique.
Icyiciro cya 2: Inzego z'ubuyobozi z'Akarere, imitunganyirize n'imikorere yazo	**Section 2: Management organs of a District, their organisation and functioning**	**Section 2 : Organes de direction d'un District, leur organisation et leur fonctionnement**
Ingingo ya 9: Inzego z'ubuyobozi	**Article 9: Management organs**	**Article 9 : Organes de direction**
Inzego z'Ubuyobozi z'Akarere ni izi zikurikira:	Management organs of a District are as follows:	Les organes de direction d'un District sont les suivants :
1 º Inama Njyanama y'Akarere;	1 º the District Council;	1 º le Conseil de District ;
2 º Komite Nyobozi y'Akarere;	2 º the District Executive Committee;	2 º le Comité exécutif de District ;
3 º Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw' Akarere;	3 º the Executive Secretariat of a district;	3 º le Secrétariat exécutif de District ;
4 º Komite y'Umutekano y'Akarere.	4 º the District Security Committee.	4 º le Comité de sécurité de District.
Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agena imirongo migari Inama Njyanama y'Akarere ishingiraho mu gushyiraho amategeko ngengamikorere.	An Order of the Minister establishes instructions determining guidelines which the District Council follows to establish the rules of procedure.	Un arrêté du Ministre établit les instructions fixant les grandes lignes auxquelles le Conseil de District se base pour établir le règlement d'ordre intérieur.

<u>Akiciro ka mbere</u>: Inama Njyanama y'Akarere	**<u>Subsection One</u>: District Council**	**<u>Sous-section première</u> : Conseil de District**
<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'Inama Njyanama y'Akarere	**<u>Article 10</u>: Responsibilities of the District Council**	**<u>Article 10</u> : Attributions du Conseil de District**
Inama Njyanama y'Akarere ni rwo rwego ruyobora Akarere. Inama Njyanama y'Akarere ifata ibyemezo, ishyiraho ingamba n'amabwiriza kandi igatanga umurongo ngenderwaho, kuri ibi bikurikira:	The District Council is the governing organ of a district. The District Council makes decisions, develops strategies and instructions and gives guidance on the following:	Le Conseil de district est l'organe de direction d'un District. Le Conseil de District prend les décisions, met en place des stratégies et des instructions et donne une orientation en ce qui suit :
1 º gushyiraho ingamba z'iterambere;	1 º to put in place development strategies;	1 º mettre en place des stratégies de développement ;
2 º gushyiraho amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Akarere na Komite nyobozi y'Akarere;	2 º to put in place the rules of procedure governing the District Council and the Executive Committee;	2 º mettre en place le règlement d'ordre intérieur du Conseil de District et du Comité exécutif ;
3 º gushyiraho inzego z'imirimo y'Akarere, amabwiriza azigenga ikanagena ibyo zishinzwe;	3 º to establish departments of a District, instructions that govern them and determine their responsibilities;	3 º mettre en place les services de District, les instructions qui les régissent et déterminer leurs attributions ;
4 º kwemeza ingengo y'imari y'Akarere;	4 º to adopt the budget of a District;	4 º adopter le budget d'un District ;
5 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta;	5 º to monitor the implementation of recommendations contained in the report of the Auditor General of State Finance;	5 º faire le suivi de la mise en application des recommandations contenues dans le rapport de l'Auditeur général des Finances de l'État ;

6 º gukurikirana no gusuzuma imikorere ya Komite Nyobozi y'Akarere;	6 º to monitor and assess the functioning of the District Executive Committee;	6 º assurer le suivi et l'évaluation du fonctionnement du Comité exécutif de District ;
7 º gushyiraho ikigereranyo cy'amahoro yakwa mu Karere hakurikijwe amategeko;	7 º to determine charge rates levied in a District in accordance with the law;	7 º adopter les taux des frais à percevoir dans un District conformément à la législation ;
8 º gufata icyemezo ku mari ishorwa mu bigo cyangwa mu masosiyete y'ubucuruzi Akarere gashaka kugiramo imigabane hakurikijwe amategeko abigenga;	8 º to approve funds to be invested in enterprises or companies in which a District intends to have shares in accordance with relevant laws;	8 º approuver les fonds à investir dans les établissements ou les sociétés commerciales dans lesquels un District veut avoir des actions conformément à la législation en la matière ;
9 º kwemeza impano, indagano n'imyenda Akarere gashobora gufata cyangwa gutanga hakurikijwe amategeko;	9 º to approve donations, bequests and debts that a District may take out or grant in accordance with laws;	9 º approuver les dons, les legs et les dettes qu'un District peut recevoir ou octroyer conformément aux lois ;
10 º gutumiza buri mezi atandatu (6) abagize Komite Nyobozi y'Akarere kugira ngo batange raporo mu byo bakora bijyanye n'inshingano zabo;	10 º to invite every six (6) months members of the District Executive Committee for them to table the report on the accomplishment of activities falling within their responsibilities;	10 ºconvoquer tous les six (6) mois les membres du Comité exécutif de District pour qu'ils présentent le rapport sur la réalisation des activités relevant de leurs attributions ;
11 º gutumiza buri mezi atandatu (6) Umunyamabanga Nshingwabikorwa kugira ngo atange raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari;	11 º to invite every six (6) months the Executive Secretary to table the report on the use of the budget;	11 ºconvoquer tous les six (6) mois le secrétaire exécutif pour qu'il présente le rapport sur l'utilisation du budget ;

12 º kwemeza umubano, ubutwererane n'ubufatanye n'utundi Turere, Imijyi n'izindi nzego;	12 º to approve relations, cooperation and partnership with other Districts, Cities and other institutions;	12 ºapprouver les relations, la coopération et le partenariat avec d'autres Districts, Villes et institutions ;
13 º gukurikirana no gufata ibyemezo ku bindi bikorerwa mu Karere bijyanye n'inshingano z'Akarere.	13 º to monitor and make decisions on other activities conducted in a district falling within the responsibilities of a District.	13 ºassurer le suivi et la prise des décisions sur les autres activités réalisées dans un District relevant des attributions d'un District.
Ingingo ya 11: Ububasha bw'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 11: Powers of the District Council**	**Article 11 : Pouvoirs du Conseil de District**
Inama Njyanama y'Akarere ifite ububasha bukurikira :	The District Council has the following powers:	Le Conseil de District a les pouvoirs suivants :
1 º guhagarika umujyanama cyangwa umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere witwaye nabi cyangwa utarangiza inshingano ze;	1 º to suspend a councillor or one of the members of the District Executive Committee in case of misconduct and failure to discharge his/her duties	1 º suspendre un conseiller ou un des membres du Comité exécutif de District qui affiche une mauvaise conduite ou qui ne parvient pas à remplir ses fonctions ;
2 º gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa abatubahiriza amabwiriza y'Inama Njyanama y'Akarere hakurikijwe amategeko.	2 º to establish administrative sanctions for persons having violated the instructions of the District Council in accordance with the law.	2 º établir des sanctions administratives contre les contrevenants aux décisions du Conseil de District et ce conformément à la loi.
Ingingo ya 12: Abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 12: Members of the District Council**	**Article 12 : Membres du Conseil de district**
Inama Njyanama y'Akarere igizwe n'Abajyanama cumi na barindwi (17) bakurikira:	The District Council comprises the following seventeen (17) councillors:	Le Conseil de District est composé de dix-sept (17) conseillers suivants :

1 º abajyanama rusange umunani (8) batorwa ku rwego rw'Akarere;	1 º eight (8) councillors elected at the District level;	1 º huit (8) conseillers élus au niveau de District ;
2 º abajyanama batanu (5) b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama Njyanama y'Akarere;	2 º five (5) female councillors constituting at least thirty percent (30%) of members of the District Council;	2 º cinq (5) conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil de District ;
3 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;	3 º the Coordinator of the National Youth Council at the district level;	3 º le coordinateur du Conseil National de la Jeunesse au niveau de District ;
4 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere;	4 º the Coordinator of the National Women's Council at the District level;	4 º la coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau de District ;
5 º Umuhuzabikowa w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere;	5 º the Coordinator of the National Council of Persons with Disabilities at the District level;	5 º le Coordinateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau de District ;
6 º Perezida w'abikorera mu Karere.	6 º the Chairperson of the private sector at the District level.	6 º le président du secteur privé au niveau de District.
Ingingo ya 13: Manda y'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 13: Term of office of members of the District Council**	**Article 13 : Mandat des membres du Conseil de District**
Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.	Members of the District Council are elected for a renewable term of office of five (5) years.	Les membres du Conseil de District sont élus pour un mandat renouvelable de cinq (5) ans.

Ingingo ya 14: Ibisabwa kugira ngo umukandida yemerwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 14: Conditions required to stand for election as a member of the District Council**	**Article 14 : Conditions requises pour être candidat au Conseil de District**
Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umukandida mu bagize Inama Njyanama y'Akarere agomba kuba yujuje ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.	To stand for election as a member of the District Council, a person must meet the conditions required by the Organic Law governing elections.	Pour être candidat au Conseil de District, une personne doit remplir les conditions exigées par la loi organique régissant les élections.
Ingingo ya 15: Itorwa ry'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 15: Election of members of the District Council**	**Article 15 : Élection des membres du Conseil de District**
Abagize Inama Njyanama y'Akarere batorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	Members of the District Council are elected in accordance with relevant laws.	Les membres du Conseil de District sont élus conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 16: Kurahira kw'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 16: Oath of members of the District Council**	**Article 16 : Prestation de serment des membres du Conseil de District**
Mbere yo gutangira imirimo yabo abagize Inama Njyanama y'Akarere batowe, barahirira mu ruhame imbere y'urukiko rubifitiye ububasha indahiro iteganyijwe mu ngingo ya 63 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.	Before assuming office, members of the District Council elected take in public before the competent court an oath of office provided for in Article 63 of the Constitution of the Republic of Rwanda 2003 revised in 2015.	Avant d'entrer dans leurs fonctions, les membres du Conseil de District élus prêtent en public devant le tribunal compétent, le serment prévu à l'article 63 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.
Urukiko rubifitiye ububasha rwakira indahiro y'abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kurahira. Uwarahiye ashyira umukono ku nyandiko y'indahiro yabigenewe.	The competent court administers the oath of members of the District Council having taken oath. Every member who has taken oath signs the prescribed oath document.	Le tribunal compétent prend acte de serment des membres du Conseil de District ayant prêté serment. Chaque membre ayant prêté serment signe le document de serment prévu à cet effet.

Umuhango wo kurahira uyoborwa na Guverineri w'Intara ako Karere karimo cyangwa uwo yabihereye ububasha mu nyandiko.	The swearing-in ceremony is presided over by the Governor of a province in which a District is located or any person to whom he or she delegates powers in writing to that effect.	La cérémonie de prestation de serment est présidée par le gouverneur d'une province où est situé un District ou par la personne à laquelle il délègue les pouvoirs par écrit à cet effet.
Ingingo ya 17: Imirimo itabangikanywa n'iy'ubujyanama	**Article 17: Duties incompatible with membership in the Council**	**Article 17 : Fonctions incompatibles avec celles de conseiller**
Umurimo w'ubujyanama ntubangikanywa no kuba:	Membership of the Council is incompatible with being:	La fonction de conseiller est incompatible avec la fonction de :
1 º umwe mu bagize Guverinoma;	1 º a Cabinet member;	1 º membre du Gouvernement ;
2 º umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko;	2 º a member of Parliament;	2 º membre du Parlement ;
3 º umucamanza, umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha;	3 º a Judge or a Prosecutor;	3 º juge ou officier de poursuite judiciaire;
4 º Guverineri w'Intara;	4 º a Provincial Governor;	4 º Gouverneur de province ;
5 º umupolisi;	5 º a Police Officer;	5 º policier ;
6 º umusirikare;	6 º a member of the defence forces;	6 º membre des forces de défense ;
7 º umwe mu bagize urwego rw'Igihugu rushinzwe iperereza n'umutekano;	7 º an officer of the National Intelligence and Security Service;	7 º agent du Service National de Renseignements et de Sécurité ;
8 º umwe mu bagize urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa;	8 º a member of Rwanda Correctional Service;	8 º membre du Service Correctionnel du Rwanda ;

9 º ukora imirimo ya Leta hanze y'Igihugu;	9 º a public servant posted abroad;	9 º agent de l'État en poste à l'étranger ;
10 º umwe mu batoresha abagize Inama Njyanama y'Akarere;	10 º one of the election officers for members of the District Council;	10 º membre du personnel électoral lors des élections des membres du Conseil de District;
11 º umwe mu bakozi bwite b'Akarere abereye Umujyanama;	11 º an employee of a District in which he or she serves as a councillor;	11 º agent d'un District dans lequel il est conseiller;
12 º Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta cyangwa Umwungirije;	12 º the Auditor General of State Finances or his or her deputy;	12 º Auditeur général des finances de l'État ou son adjoint ;
13 º Umuvunyi Mukuru cyangwa Umwungirije.	13 º the Ombudsman or his or her deputy.	13 º Ombudsman ou son adjoint.
Icyakora, iyo ukora umwe muri iyo mirimo, abisabye ubuyobozi bumukuriye bikemerwa mu nyandiko, ahagarika by'agateganyo imirimo ye mbere yo gutanga kandidatire ye. Yemererwa kwiyamamaza, yatorwa akabona kwegura kuri uwo murimo utabangikanywa n'uwo yatorewe. Iyo adatowe, ashobora gusubira mu mirimo ye nta nzitizi.	However, if a person performing one of these duties requests and receives written approval from his or her supervising authority, he or she may suspend his or her duties prior to standing for elections. He or she is allowed to stand for election and, once elected, resigns from his duties that are incompatible with duties for which he or she was elected. In case he or she is not elected, he or she may automatically resume his or her duties.	Cependant, si une personne exerçant l'une de ces fonctions demande et reçoit l'approbation écrite de son autorité de tutelle, il peut suspendre ses fonctions avant de se présenter aux élections. Cette personne est autorisée à poser sa candidature aux élections et, une fois élue, démissionne de ses fonctions incompatibles avec celles pour lesquelles elle est élue. Au cas où elle n'est pas élue, elle peut reprendre automatiquement ses fonctions.
Ingingo ya 18: Ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 18: Decisions of the District Council**	**Article 18 : Décisions du Conseil de district**
Ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere	The decisions of the District Council must	Les décisions prises par le Conseil de

bigomba kubahiriza amategeko kandi byohererezwa Guverineri w'Intara mu minsi itanu (5) y'akazi ikurikira umunsi byafatiwe, na we akagira icyo abivugaho bitarenze iminsi itanu (5) y'akazi, Minisitiri n'Umuyobozi w'Akarere bagenerwa kopi.	be in conformity with the law and are transmitted to the Provincial Governor within five (5) working days from the day they were taken, who in turn, gives his or her opinion within five (5) working days. The decisions are copied to the Minister and the District Mayor.	District doivent être conformes à la loi et sont transmises au Gouverneur de Province dans les cinq (5) jours ouvrables à compter du jour où elles ont été prises, qui, à son tour, donne son avis dans les cinq (5) jours ouvrables. Le Ministre et le maire de district en reçoivent copie.
Iyo Guverineri w'Intara ntacyo abivuzeho mu minsi itanu (5) y'akazi ikurikira umunsi byatangiwe icyemezo cy'iyakira, Komite Nyobozi y'Akarere ishyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere.	If the Provincial Governor does not give any opinion within five (5) working days following the date of issuance of acknowledgment of receipt, the District Executive Committee implements the decisions taken by the District Council.	À défaut de l'avis du Gouverneur de province dans un délai de cinq (5) jours ouvrables suivant le jour de l'accusé de réception, le Comité exécutif de District exécute les décisions prises par le Conseil de District.
Iyo Guverineri asanze icyemezo cyafashwe kinyuranyije n'amategeko, abimenyesha Inama Njyanama y'Akarere mu nyandiko isobanura impamvu ayisaba kugisubiramo, kopi ikohererezwa Minisitiri.	When the Governor finds that the decision taken is inconsistent with the law, he or she informs the District Council in a written notice giving reasons for his or her request for review of the decision and sends a copy thereof to the Minister.	Si le Gouverneur constate que la décision prise est contraire à la loi, il en avise le Conseil de District par écrit en précisant les motifs de sa demande de réexamen de la décision et réserve copie au Ministre.
Ingingo ya 19: Inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere	**Article 19: Verbatim report of the meeting of the District Council**	**Article 19 : Procès-verbal de la réunion du Conseil de District**
Inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere yemezwa mu nama yayo ikurikiyeho ikohererezwa Guverineri w'Intara mu minsi itanu (5) y'akazi ikurikira umunsi yemerejweho na we akabitangira icyemezo cy'iyakira, Umuyobozi w'Akarere akagenerwa kopi.	A verbatim report of a meeting of the District Council is approved in the next meeting and sent to the Provincial Governor within five (5) working days following the date of approval who in turn issues an acknowledgement of receipt and a copy thereof is sent to the District Mayor.	Un procès-verbal de la réunion du Conseil de District est approuvé lors de la réunion suivante et transmis contre récépissé au gouverneur de province dans les cinq (5) jours ouvrables suivant le jour de son approbation tout en réservant copie au maire de District.

Ingingo ya 20: Biro y'Inama Njyanama y'Akarere Abagize Inama Njyanama y'Akarere bitoramo Biro igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abayigize bagomba kuba ari abagore.	**Article 20: Bureau of the District Council** Members of the District Council elect from among themselves a Bureau comprised of the Chairperson, the Deputy-Chairperson and the Secretary. At least thirty per cent (30%) of its members must be female.	**Article 20 : Bureau du Conseil de District** Les membres du Conseil de District élisent en leur sein le Bureau composé par le président, le vice-président et le secrétaire. Au moins trente pour cent (30%) de ses membres doivent être de sexe féminin.
Ingingo ya 21: Inshingano za Biro y'Inama Njyanama y'Akarere Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ifite inshingano zikurikira: 1 º gutegura, gutumira no kuyobora inama y'Inama Njyanama y'Akarere; 2 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere; 3 º gukora izindi nshingano yahabwa n'Inama Njyanama y'Akarere.	**Article 21: Responsibilities of the Bureau of the District Council** The Bureau of the District Council has the following responsibilities: 1 º to prepare, convene and chair the meeting of the District Council; 2 º to monitor the implementation of the decisions of the District Council; 3 º to perform such other duties as may be assigned by the District Council.	**Article 21 : Attributions du Bureau du Conseil de District** Le Bureau du Conseil de District a les attributions suivantes : 1 º préparer, convoquer et diriger la réunion du Conseil de District ; 2 º faire le suivi de la mise en application des décisions du Conseil de District ; 3 º s'acquitter de toute autre tâche pouvant lui être confiée par le Conseil de District.
Ingingo ya 22: Inshingano n'imikorere by'Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere Inshingano n'imikorere by'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ndetse	**Article 22: Responsibilities and functioning of members of the Bureau of the District Council** The responsibilities and functioning of members of the Bureau of the District	**Article 22 : Attributions et fonctionnement des membres du Bureau du Conseil de District** Les attributions et le fonctionnement des membres du Bureau du Conseil de District

n'imikorere hagati ya Biro y'Inama Njyanama y'Akarere na Komite Nyobozi y'Akarere bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Akarere.	Council and collaboration between the Bureau of the District Council and the District Executive Committee are determined by the rules of procedure of the District Council.	et la collaboration entre le Bureau du Conseil de District et le Comité exécutif de District sont déterminés par le règlement intérieur du Conseil de District.
Ingingo ya 23: Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 23: Commissions of the District Council**	**Article 23 : Commissions du Conseil de District**
Inama Njyanama y'Akarere igizwe na Komisiyo zikurikira: 1 º Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu; 2 º Komisiyo y'iterambere ry'Imibereho myiza y'Abaturage; 3 º Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.	The District Council consists of the following commissions: 1 º Commission on Finance and Economic Development; 2 º Commission on Social Welfare Promotion; 3 º Commission on Good Governance.	Le Conseil de District est composé des commissions suivantes : 1 º Commission des finances et du développement économique ; 2 º Commission de la promotion du bien-être social ; 3 º Commission de la bonne gouvernance.
Buri Mujyanama agira Komisiyo akoreramo. Abagize buri Komisiyo bagenwa na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere. Buri Komisiyo igizwe nibura n'Abajyanama batanu (5).	Each councillor is a member of one of the Commissions. Members of each Commission are determined by the Bureau of the District Council. Each Commission is made up of at least five (5) councillors.	Chaque conseiller fait partie de l'une des Commissions. Les membres de chaque Commission sont déterminés par le Bureau du Conseil de District. Chaque commission est composée d'au moins cinq (5) conseillers.
Inama Njyanama y'Akarere kandi ishobora gushyiraho Komisiyo idasanzwe isuzuma ikibazo cyihariye ikarangiza manda yayo itanze raporo n'umushinga w'umwanzuro.	The District Council may also create an ad hoc Commission to deal with a specific issue, which completes its term after submitting its report and a draft resolution.	Le Conseil de District peut également créer une Commission ad hoc pour étudier un problème particulier dont le mandat se termine après soumission du rapport et du projet de résolution.

Ingingo ya 24: Inshingano n'imikorere bya Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere	**Article 24: Responsibilities and functioning of commissions of the District Council**	**Article 24 : Attributions et fonctionnement des commissions du Conseil de District**
Inshingano n'imikorere bya Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Akarere.	The responsibilities and functioning of commissions of the District Council are determined by the rules of procedure of the District Council.	Les attributions et le fonctionnement des commissions du Conseil de District sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur du Conseil de District.
Ingingo ya 25: Ubuyobozi bwa Komisiyo	**Article 25: Chairpersonship of a commission**	**Article 25 : Présidence d'une commission**
Abajyanama bagize buri Komisiyo bitoramo Umuyobozi n'Umwanditsi b'iyo Komisiyo.	Councillors of each Commission elect a Chairperson and a Rapporteur of that Commission from among themselves.	Les Conseillers de chaque Commission élisent en leur sein un président et un rapporteur de cette Commission.
Icyakora, abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ntibemerewe kuyobora Komisiyo.	However, members of the Bureau of the District Council and members of the District Executive Committee are not allowed to chair a Commission.	Toutefois, les membres du Bureau du Conseil de District et les membres du Comité exécutif de District ne sont pas autorisés à diriger une Commission.
Ingingo ya 26: Komite Ngenzuzi y'Akarere	**Article 26: District Audit Committee**	**Article 26 : Comité d'audit de District**
Inama Njyanama y'Akarere yitoramo abagize Komite Ngenzuzi y'Akarere.	The District Council elects from among themselves members of a District Audit Committee.	Le Conseil de District élit en son sein les membres du Comité d'Audit de District.
Minisitiri ufite imari mu nshingano akoresheje iteka ashyiraho amabwiriza yihariye agena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komite Ngenzuzi y'Akarere.	The Minister in charge of finance through an Order issues a special regulation governing responsibilities, organization and functioning of a District Audit Committee.	Le Ministre ayant les finances dans ses attributions édicte par arrêté un règlement spécial régissant les attributions, l'organisation et le fonctionnement d'un Comité d'Audit de District.

<u>Ingingo ya 27</u>: Iterana ry'Inama Njyanma y'Akarere n'ibigenerwa abayigize	**<u>Article 27</u>: Meetings of the District Council and sitting allowances for its members**	**<u>Article 27 </u>: Séances du Conseil de district et jetons de présence de ses membres**
Inama Njyanama iterana mu nama zayo zisanzwe cyangwa zidasanzwe	The Council meets in ordinary and extraordinary sittings.	Le Conseil se réunit en séances ordinaires ou extraordinaires.
Igihe abajyanama bateranye mu nama y'Inama Njyanama yaba isanzwe cyangwa idasanzwe, inama ya Biro, iya Komisiyo cyangwa iya Komite Ngenzuzi bahabwa insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo bigenwa n'iteka rya Minisitiri.	When councillors meet in an ordinary or extraordinary sitting of the Council, a meeting of the Bureau, of a commission or of the Audit Committee, they are given sitting and transport allowances determined by an Order of the Minister.	Lorsque les conseillers se réunissent en séance ordinaire ou extraordinaire du Conseil, en réunion du bureau, d'une commission ou du Comité d'Audit, ils reçoivent un jeton de présence et une indemnité de transport déterminés par arrêté du Ministre.
Ibindi byagenerwa abajyanama biteganywa mu mategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Akarere.	Other benefits for councillors are determined by the rules of procedure of the District Council.	D'autres avantages à accorder aux conseillers sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur du Conseil de District.
<u>Ingingo ya 28:</u> Impamvu zituma Umujyanama w'Akarere ava mu mwanya w'ubujyanama	**<u>Article 28</u>: Reasons for ceasing of duties of a District councillor**	**<u>Article 28 </u>: Motifs de perte de la qualité de conseiller de District**
Umujyanama w'Akarere ava muri uwo mwanya iyo:	A District councillor loses membership when:	Un Conseiller de District perd sa qualité de membre si :
1 º yeguye akoresheje inyandiko;	1 º he or she resigns in writing;	1 º il démissionne par écrit ;
2 º akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	2 º he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	2 º il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois ;

3 º akatiwe igihano cy'imirimo y'inyungu rusange;	3 º he or she is sentenced to a penalty of community service;	3 º il est condamné à une peine de travaux d'intérêt général ;
4 º ahamwe n'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa icy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo;	4 º he or she is convicted of the crime of genocide against the Tutsi or the crime of genocide ideology and related offences;	4 º il est reconnu coupable du crime de génocide perpétré contre les Tutsi ou du crime d'idéologie du génocide et d'infractions connexes ;
5 º yireze akemera icyaha cya jenoside;	5 º he or she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;	5 º il fait aveu et plaidoyer de culpabilité pour le crime de génocide ;
6 º asibye mu nama adafite impamvu inshuro eshatu (3) zikurikiranye;	6 º he or she is absent in three (3) consecutive meetings without justified reasons;	6 º il est absent aux réunions trois (3) fois successives sans raison valable ;
7 º yemeye undi murimo udashobora kubangikanywa n'uw'ubujyanama;	7 º he or she accepts another position that is incompatible with being a councillor;	7 º il a accepté une autre fonction incompatible avec la fonction de conseiller ;
8 º ahagaritswe kuri uwo mwanya n'Inama Njyanama y'Akarere;	8 º he or she is suspended from such a duty by the District Council;	8 º il est suspendu de ses fonctions par le Conseil de District;
9 º agize uburwayi butuma adashobora kurangiza inshingano ze, byemejwe na muganga wemewe na Leta;	9 º he or she is unable to discharge his or her duties as certified by a recognized medical doctor;	9 º il est incapable de remplir ses fonctions tel que le certifie un médecin agréé ;
10 ºimpamvu zashingiweho kugira ngo abe Umujyanama zitakiriho;	10 º the reasons for being a councillor do not stand anymore;	10 º les raisons qui ont été à la base d'être conseiller n'existent plus ;
11 ºarangije manda ye;	11 º his or her term of office expires;	11 ºson mandat expire ;
12 ºInama Njyanama y'Akarere	12 º the District Council is dissolved;	12 ºle Conseil de District est dissout ;

isheshwe; 13 ºapfuye.	13 º he or she dies.	13 º il décède.
Ingingo ya 29: Iseswa ry'Inama Njyanama y'Akarere Inama Njyanama y'Akarere ishobora guseswa n'Iteka rya Perezida iyo: 1 º bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Inama Njyanama y'Akarere kandi bigaragara ko bifitiye abaturage akamaro; 2 º habaye imidugararo biturutse ku bagize Inama Njyanam y'Akarere ; 3 º bigaragaye ko Inama Njyanama y'Akarere itagishoboye kuzuza inshingano zayo.	**Article 29: Dissolution of the District Council** The District Council may be dissolved by a Presidential Order if: 1 º a third (1/3) of the members of the District Council so requests and when it is evident that it is in the interest of the population; 2 º there has been unrest caused by the members of the District Council; 3 º it is evident that the District Council is no longer able to fulfil its responsibilities.	**Article 29 : Dissolution du Conseil de District** Le Conseil de District peut être dissout par arrêté présidentiel si : 1° il est demandé par un tiers (1/3) des membres du Conseil de District et lorsqu'il est évident que cela est dans l'intérêt de la population ; 2° il y eu de troubles causés par les membres du Conseil de District ; 3° il s'avère que le Conseil de District n'est plus en mesure de remplir ses attributions.
Ingingo ya 30: Ubuyobozi bw'inzibacyuho mu gihe Inama Njyanama yasheshwe Perezida wa Repubulika ashyiraho abamuhagararira iyo Inama Njyanama y'Akarere isheshwe. Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye ku munsi Inama Njyanama y'Akarere yasheshwe, hakoreshwa amatora hakajyaho abajyanama bashya.	**Article 30: Transitional chairpersonship in case of dissolution of the Council** The President of the Republic appoints his or her representatives when the District Council is dissolved. The election of the new councillors is held within three (3) months following the dissolution of the District Council.	**Article 30 : Présidence transitoire en cas de dissolution du Conseil** Le Président de la République nomme ses représentants lorsque le Conseil de District est dissout. L'élection de nouveaux conseillers est tenue dans un délai de trois (3) mois suivant la dissolution du Conseil de District.

Abahagarariye Perezida wa Repubulika barangiza inshingano zabo iyo hamaze gukorwa ihererekanyabubasha n'abajyanama bashya batowe.	The mandate of the representatives of the President of the Republic comes to an end with a handover between the representatives and the elected authorities.	Le mandat des représentants du Président de la République prend fin par une passation de pouvoirs entre les représentants et les autorités élues.
Icyakora, Perezida wa Repubulika, akoresheje iteka, ashobora kongerera igihe abamuhagarariye iyo asanze itora ritashobora kuba mu gihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	However, the President of the Republic through an Order may extend the period for his or her representatives if he or she considers that the election may not be held during the period provided for in Paragraph One of this Article.	Toutefois, le Président de la République peut, par voie d'arrêté, prolonger la période de ses représentants lorsqu'il juge impossible d'organiser des élections dans le délai prévu à l'alinéa premier du présent article.
Iyo Inama Njyanama y'Akarere isheshwe hasigaye amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo manda irangire, nta bandi bajyanama batorwa.	If the District Council is dissolved six (6) months or less before the end of their term of service, no other councillors are elected.	Si le Conseil de District est dissout alors qu'il ne reste qu'une durée du mandat ne dépassant pas six (6) mois, il n'y a pas d'élection d'autres conseillers.
<u>Akiciro ka 2</u>: Komite Nyobozi y'Akarere	**<u>Sub-section 2</u>: Executive Committee of a District**	**<u>Sous-section 2</u> : Comité exécutif du District**
<u>Ingingo ya 31</u>: Inshingano za Komite Nyobozi y'Akarere	**<u>Article 31</u>: Responsibilities of the District Executive Committee**	**<u>Article 31</u> : Attributions du Comité exécutif de District**
Komite Nyobozi y'Akarere ifite inshingano zikurikira:	The District Executive Committee has the following responsibilities:	Le Comité exécutif de District a les attributions suivantes :
1 º gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere;	1 º to implement the decisions of the District Council;	1 º mettre en application les décisions du Conseil de District ;
2 º gufata ingamba zo kubungabunga umutekano;	2 º to draw up strategies to safeguard security;	2 º prendre des mesures destinées à assurer la sécurité ;

3 º gusuzuma umushinga w'igenamigambi no kuwushyikiriza Inama Njyanama y'Akarere kugira ngo iwemeze;	3 º to consider the draft strategic plan and submit it to the District Council for approval;	3 º examiner le projet de plan stratégique et le soumettre au Conseil de District pour approbation ;
4 º gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari mbere y'uko ishyikirizwa Inama Njyanama y'Akarere ngo iyemeze;	4 º to consider the draft budget proposal before it is submitted to the District Council for adoption;	4 º examiner l'avant-projet du budget avant qu'il ne soit soumis au Conseil de District pour adoption ;
5 º gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cyihariye cy'Akarere;	5 º to implement the District specific master plan;	5 º exécuter le plan particulier d'aménagement de District ;
6 º gusuzuma raporo y'ibikorwa no kuyishyikiriza Inama Njyanama y'Akarere;	6 º to consider the activity report and forward it to the District Council;	6 º examiner le rapport d'activités et le transmettre au Conseil de District ;
7 º gushyiraho ingamba zo guca akarengane mu Karere;	7 º to take measures to eradicate injustice in a District;	7 º élaborer les stratégies de lutte contre l'injustice dans un District ;
8 º gushyiraho ingamba zigamije iterambere ry'Akarere;	8 º to elaborate development strategies of a District;	8 º élaborer des stratégies de développement d'un District ;
9 º guteza imbere no gukurikirana ibikorwa by'ishoramari mu Karere;	9 º to promote and monitor investment activities in the District;	9 º assurer la promotion et le suivi des investissements dans le District ;
10 º kwita ku iterambere ry'uburezi mu Karere;	10 º to promote education in a District;	10 ºpromouvoir l'éducation dans un District ;
11 º kwita ku bikorwa bigamije imibereho myiza y'abaturage;	11 º to promote social affairs activities;	11 ºpromouvoir les activités visant le bien-être social ;

12 º kwita ku nzibutso za Jenoside yakorewe abatutsi n'amarimbi biri mu Karere;	12 º to cater for genocide memorial sites and cemeteries in a District;	12 ºveiller au maintien des sites mémoriaux du génocide et des cimetières dans un District ;
13 º gushyira mu bikorwa amasezerano y'ubufatanye hagati y'Akarere n'izindi nzego;	13 º to implement cooperation agreements between a District and other organs;	13 ºmettre en application les accords de coopération entre un District et autres institutions ;
14 º gusuzuma no gukemura ibibazo by'abaturage bitashoboye gukemurirwa ku rwego rw'Umurenge;	14 º to consider and settle disputes of the population which remained unsettled at Sector level;	14 ºexaminer et résoudre les problèmes de la population qui n'ont pas pu être résolus au niveau de Secteur ;
15 º kwita ku mikoreshereze y'ubutaka, gutunganya no gutanga ibibanza mu Karere;	15 º to promote land use and ensure the development and distribution of plots in a District;	15 ºveiller à l'utilisation des terres et assurer l'aménagement et la distribution des parcelles dans un District ;
16 º gushyiraho ingamba zo gufata neza ibikorwaremezo n'ibidukikije;	16 º to elaborate strategies for preserving infrastructure and environment;	16 ºélaborer des stratégies de préservation des infrastructures et de l'environnement ;
17 º gushyikiriza Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ibyo ibona ko ari ngombwa ko byashyirwa ku murongo w'ibyigwa n'Inama Njyanama y'Akarere;	17 º to submit to the Bureau of the District Council items it considers fit for inclusion on the agenda of the District Council;	17 ºsoumettre au Bureau du Conseil de District les points qu'il estime nécessaires à inscrire à l'ordre du jour du Conseil de District ;
18 º kwemeza igurishwa ry'umutungo wimukanwa w'Akarere hakurikijwe amategeko abigenga;	18 º to approve the sale of movable property of a District in accordance with relevant laws;	18 ºapprouver la vente de biens meubles d'un District conformément à la législation en la matière ;
19 º gufata ibyemezo mu bijyanye n'imicungire y'abakozi hakurikijwe	19 º to take decisions relating to staff management in accordance with	19 ºprendre des décisions en matière de gestion du personnel conformément à

amategeko abigenga;	relevant laws;	la législation en la matière ;
20 º gukangurira abaturage kwitabira gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'inzego zisumbuye;	20 º to mobilize the population to participate in the implementation of the decisions taken at higher levels;	20 ºsensibiliser la population à exécuter les décisions prises par les échelons supérieurs ;
21 º gutegura umushinga w'ubufatanye hagati y'Akarere n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga ;	21 º to draft cooperation agreement between the District and other institutions at national or international levels;	21 ºélaborer le projet d'accord de coopération entre le District et d'autres institutions tant nationales qu'internationales ;
22 º gukora indi mirimo iri mu nshingano zayo yahabwa n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa izindi nzego zikuriye Akarere.	22 º to perform such other duties as may be assigned to it by the District Council or other higher organs to a district.	22 ºexécuter toute autre tâche rentrant dans ses attributions pouvant lui être confiée par le Conseil de District ou par les organes hiérarchiquement supérieurs.
Ingingo ya 32: Ububasha bwo gushyira abakozi mu myanya, kubahagarika by'agateganyo no kubasezerera burundu	**Article 32: Power to recruit, suspend and permanently dismiss staff**	**Article 32 : Pouvoir de nommer, de suspendre et de révoquer définitivement le personnel**
Komite Nyobozi y'Akarere ifite ububasha bwo gushyira abakozi mu myanya, kubahagarika by'agateganyo no kubasezerera burundu hakurikijwe amategeko abigenga, uretse Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Umugenzuzi b'Akarere bemezwa kandi bagakurwaho n'Inama Njyanama y'Akarere hakurikijwe amategeko abigenga.	The District Executive Committee has the power to recruit, suspend and permanently dismiss staff in accordance with relevant laws, apart from the Executive Secretary and the Auditor of a district who are approved and dismissed by the District Council in accordance with relevant laws.	Le Comité exécutif de District est investi du pouvoir de nommer, de suspendre et de révoquer définitivement le personnel conformément à la législation en la matière, excepté le Secrétaire exécutif et l'auditeur d'un District qui sont approuvés et révoqués par le Conseil de District conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 33: Ububasha bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo	**Article 33: Power to supervise the implementation of activities**	**Article 33 : Pouvoir de superviser l'exécution des activités**
Komite Nyobozi y'Akarere ikurikije amategeko igenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo ya buri munsi mu Karere, ibyemezo n'amabwiriza by'Inama Njyanama y'Akarere.	The District Executive Committee supervises the implementation of daily activities in a District, decisions and instructions of the District Council in accordance with relevant laws.	Le Comité exécutif de district supervise l'exécution des activités quotidiennes dans un District, des décisions et des instructions du Conseil de District conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 34: Abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 34: Members of the District Executive Committee**	**Article 34 : Membres du Comité exécutif de District**
Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'abantu batatu (3) barimo nibura umugore umwe, ari bo: 1 º Umuyobozi w'Akarere; 2 º Umuyobozi Wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu; 3 º Umuyobozi Wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage.	The District Executive Committee comprises of three (3) members including at least one woman, namely: 1 º the District Mayor; 2 º the Vice Mayor in charge of Economic Development; 3 º the Vice Mayor in charge of Social Affairs.	Le Comité exécutif de District est composé de trois (3) membres dont au moins une femme, à savoir : 1° le maire de district ; 2° le vice maire chargé du développement économique ; 3° le vice maire chargé des affaires sociales.
Ingingo ya 35: Inshingano z'Umuyobozi w'Akarere	**Article 35: Responsibilities of the District Mayor**	**Article 35 : Attributions du maire de District**
Umuyobozi w'Akarere ni we muyobozi wa Komite Nyobozi y'Akarere kandi ahagarariye Leta mu Karere.	The District Mayor is the head of the District Executive Committee and represents Government in a district.	Le maire de district est le chef du Comité exécutif de District et représente l'État dans un District.

Umuyobozi w'Akarere ayobora Akarere mu mirimo ya buri munsi, akaba anashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:	The District Mayor ensures the daily management of a district and is particularly in charge of the following:	Le maire de District assure la gestion quotidienne d'un District et est particulièrement chargé de ce qui suit :
1° guhagararira Akarere imbere y'izindi nzego;	1 º to represent a District before other organs;	1 º représenter un District devant les autres institutions ;
2° guhagararira Akarere imbere y'amategeko ;	2 º to be the legal representative of the District;	2 º être le représentant légal de District ;
3° kuyobora Akarere akurikije amategeko;	3 º to head a District in accordance with the law;	3 º diriger le District conformément à la loi ;
4° kuyobora Komite Nyobozi y'Akarere, guhuza ibikorwa byayo no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo ifata;	4 º to head the District Executive Committee, coordinate its activities and follow up the implementation of its decisions;	4 º diriger le Comité exécutif de District, coordonner ses activités et assurer le suivi de l'exécution de ses décisions ;
5° gutumira no kuyobora inama za Komite Nyobozi y'Akarere;	5 º to convene and preside over the meetings of the District Executive Committee;	5 º convoquer et présider les réunions du Comité exécutif de District ;
6° kumenyekanisha mu Karere umurongo wa politiki Igihugu kigenderaho;	6 º to disseminate in a district, the political orientation of the country;	6 º diffuser dans un district la politique générale du pays ;
7° gukurikirana imiyoborere y'Imirenge, guhuza ibikorwa byayo no kuyongerera ubushobozi;	7 º to follow up the administration of Sectors, coordinate their activities and build their capacity;	7 º assurer le suivi de l'administration des Secteurs, coordonner leurs activités et renforcer leur capacité ;
8° kuba umwanditsi w'irangamimerere mu Karere no gukurikirana imirimo	8 º to be civil registrar in a District and make follow-up on civil status services provided in sectors;	8 º être l'officier de l'état civil dans un District et faire le suivi des services de l'état civil prestés dans des secteurs ;

y'irangamimerere ikorerwa mu Mirenge;		
9° gukurikirana uko ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere ndetse n'amabwiriza aturutse mu buyobozi bukuru bw'Igihugu bishyirwa mu bikorwa;	9 º to follow up how decisions of the District Council as well as instructions from higher authorities of the country are implemented;	9 º assurer le suivi de la mise en exécution des décisions du Conseil de District ainsi que les instructions émanant des hautes autorités du pays ;
10° kumenyekanisha mu Karere amategeko, amabwiriza n'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere;	10 º to disseminate in the District, the rules, instructions and decisions of the District Council;	10 º faire connaitre dans le District les règles, instructions et décisions du Conseil de District ;
11° kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu mu Karere afatanyije n'inzego zibishinzwe;	11 º to ensure security of people and property in a District in collaboration with relevant organs;	11 º assurer la sécurité des personnes et des biens dans un District en collaboration avec les organes compétents ;
12° gukurikirana imikorere y'inzego z'imirimo z'Akarere n'iy'izindi nzego za Leta ziri mu Karere;	12 º to follow up the District and Public Service Departments operating in the District;	12 º assurer le suivi des services de District ainsi que des services publics œuvrant dans le District ;
13° gushyira umukono ku mabwiriza n'inyandiko biri mu nshingano ze ;	13 º to sign instructions and documents within his or her responsibilities;	13 º signer les instructions et les documents relevant de ses attributions ;
14° gukurikirana ikoreshwa ry'imari n'umutungo by'Akarere;	14 º to follow up the use of the District finance and property;	14 º faire le suivi de l'utilisation des finances et du patrimoine de District ;
15° gusobanura buri mezi atandatu (6) raporo y'ibikorwa bijyanye	15 º to present to the District Council the activity report relating to his or her	15 º présenter chaque six mois (6) le rapport d'activités relatives à ses

n'inshingano ze imbere y'Inama Njyanama y'Akarere;	duties every six (6) months;	attributions devant le Conseil de District ;
16° gutumira no kuyobora inama ihuza Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo basuzumire hamwe ibibazo by'itangwa rya serivisi mu Mirenge n'Utugari;	16 º to convene and chair, once a quarter and whenever necessary, a meeting between Bureaus of Sector councils and Executive secretaries to review service delivery issues at Sector and Cell levels;	16 º convoquer et présider, une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, la réunion regroupant les Bureaux des conseils de Secteurs et des Secrétaires exécutifs pour examiner les questions relatives à la prestation de services au niveau des Secteurs et des Cellules ;
17° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa izindi nzego zimukuriye.	17 º to perform such other duties as may be assigned to him or her by the District Council or by other higher authorities.	17 º assumer toute autre tâche pouvant lui être confiée par le Conseil de District ou par les supérieurs hiérarchiques.
Ingingo ya 36: Inshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu	**Article 36: Responsibilities of the Vice Mayor in charge of Economic Development**	**Article 36 : Attributions du Vice maire chargé du développement économique**
Uretse inshingano rusange ahuriyeho n'abandi bagize Komite Nyobozi y'Akarere, Umuyobozi wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu ashinzwe:	In addition to the collective responsibility shared by all members of the District Executive Committee, the Vice Mayor in charge of Economic Development is responsible for the following:	En plus des attributions communes aux autres membres du Comité exécutif de District, le Vice maire chargé du développement économique a les attributions suivantes :
1 º gusimbura Umuyobozi w'Akarere mu mirimo ye iyo adahari;	1 º to replace the District Mayor in case of absence;	1 º remplacer le Maire de District en cas d'absence ;
2 º kumenyekanisha mu Karere politiki igihugu kigenderaho mu by'ubukungu;	2 º to disseminate, at the district level, the national economic policy;	2 º faire connaître, au niveau de district, la politique économique générale du pays ;

3 º guhuza no guteza imbere ibikorwa by'ubufatanyabikorwa mu majyambere;	3 º to coordinate and promote the activities of partnership in development;	3 º coordonner et promouvoir les activités de partenariat au développement ;
4 º gukurikirana uko ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere bishyirwa mu bikorwa mu byerekeye imari n'iterambere ry'ubukungu;	4 º to monitor the implementation of the decisions made by the District Council in the domains of finance and economic development;	4 º faire le suivi de l'exécution des décisions du Conseil de District en matière des finance et du développement économique ;
5 º guteza imbere no gukurikirana ibikorwa byose birebana n'ubukungu n'iterambere ry'Akarere;	5 º to promote and follow up all activities related to economy and development in a District;	5 º promouvoir et faire le suivi de toutes les activités économiques et de développement d'un District ;
6 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gufata neza ibikorwa remezo n'ibidukikije;	6 º to follow up the implementation of strategies meant for preserving infrastructure and environment;	6 º faire le suivi des stratégies de préservation des infrastructures et de l'environnement ;
7 º gukurikirana uko ingengo y'imari yateganirijwe ibikorwa biri mu nshingano ze ishyirwa mu bikorwa;	7 º to follow up on how the budget for activities that are within his or her responsibilities is implemented;	7 º assurer le suivi de l'exécution du budget destiné aux activités relevant de ses attributions ;
8 º guteza imbere ibikorwa by'ishoramari n'abikorera mu Karere;	8 º to promote investment and activities of the private sector in a District;	8 º encourager l'investissement et les activités du secteur privé dans un District ;
9 º gukangurira abaturage gukurikiza amategeko arebana n'ubukungu, imari n'amajyambere;	9 º to sensitize the population on legislation relating to economy, finance and development;	9 º sensibiliser la population sur les lois relatives à l'économie, aux finances et au développement ;
10 º kwita ku birebana n'imiturire no gukurikirana imikorere y'Ibiro by'ubutaka mu Karere;	10 º to monitor issues related to habitat and supervise the District Land Office;	10 ºveiller aux questions relatives à l'habitat et superviser le Bureau foncier au niveau de District ;

11 º kwakira no gukemura ibibazo byerekeye ubukungu n'amajyambere;	11 º to receive and settle issues relating to economy and development;	11 ºrecevoir et résoudre les questions relatives à l'économie et au développement ;
12 º gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'inshingano ze;	12 º to sign documents relating to his or her responsibilities;	12 ºsigner les documents en rapport avec ses attributions ;
13 º gusobanura buri mezi atandatu (6) raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano ze imbere y'Inama Njyanama y'Akarere;	13 º to present to the District Council the activity report relating to his or her responsibilities every six (6) months;	13 ºprésenter chaque six (6) mois le rapport d'activités relatives à ses attributions devant le Conseil de District ;
14 º gutegura gahunda y'ibikorwa yerekeye inshingano ze;	14 º to prepare the action plan relating to his or her responsibilities;	14 ºélaborer le plan d'action en rapport avec ses attributions ;
15 º gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa na Komite Nyobozi y'Akarere bijyanye n'inshingino ze.	15 º to perform such other duties as may be assigned to him or her by the District Council or by the District Executive Committee falling within his or her responsibilities.	15 ºexécuter toute autre tâche rentrant dans ses attributions pouvant lui être confiée par le Conseil de District ou par le Comité exécutif de District.
<u>Ingingo ya 37</u>: Inshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage	**<u>Article 37</u>: Responsibilities of the Vice Mayor in charge of Social Affairs**	**<u>Article 37 </u>: Attributions du Vice maire chargé des affaires sociales**
Uretse inshingano rusange ahuriyeho n'abandi bagize Komite Nyobozi y'Akarere, Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage ashinzwe ibi bikurikira:	In addition to collective responsibilities shared with all the members of the District Executive Committee, the Vice Mayor in charge of Social Affairs is responsible for the following:	En plus des attributions communes aux autres membres du Comité exécutif de District, le Vice maire chargé des affaires sociales a les attributions suivantes :
1 º kuyobora imirimo iteza imbere	1 º to head the activities which promote the	1 º diriger les activités de promotion du

imibereho myiza y'abaturage;	social welfare;	bien-être social ;
2 º gusimbura Umuyobozi w'Akarere mu mirimo ye igihe Umuyobozi w'Akarere n' Umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu badahari;	2 º deputize for the District Mayor in his or her duties in case of absence of the District Mayor and the Vice Mayor in charge of Economic Development;	2 º remplacer le Maire de District en cas d'absence du Maire de District et du Vice maire chargé du développement économique ;
3 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa igamije iterambere ry'uburezi;	3 º to follow up the implementation of the action plan aiming at promoting education;	3 º assurer le suivi de l'exécution du plan d'action visant la promotion de l'éducation ;
4 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa igamije iterambere ry'ubuzima;	4 º to follow up the implementation of the action plan aiming at promoting health care;	4 º assurer le suivi de l'exécution du plan d'action visant la promotion de la santé ;
5 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa yo guteza imbere umuco, siporo n'imyidagaduro;	5 º to follow up the implementation of the action plan aiming at promoting culture, sports and leisure activities;	5 º établir et assurer le suivi de l'exécution du plan d'action visant la promotion de la culture, sports et loisirs ;
6 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere mu byerekeye iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage;	6 º to follow up the implementation of the decisions of District Council with regard to social development;	6 º assurer le suivi de l'exécution des décisions du Conseil de District concernant le développement social ;
7 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gufasha abatishoboye no kurwanya ubukene mu Karere;	7 º to follow up the implementation of the program meant for helping the needy and fighting poverty in a District;	7 º assurer le suivi du programme d'assistance aux nécessiteux et de lutte contre la pauvreté dans un District ;
8 º gukurikirana ibikorwa n'imikorere by'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore, iby'inzego z'Inama	8 º to follow up the activities and functioning of the structures of the National Women's Council, those of	8 º assurer le suivi des activités et du fonctionnement des organes du Conseil National des Femmes, du

y'Igihugu y'Urubyiruko n'iz'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga no kuzigira inama;	the National Youth Council and National Council of persons with disabilities and advise them;	Conseil National de la Jeunesse et du Conseil National des personnes handicapées et les conseiller ;
9 º gushyira mu bikorwa politiki yo kugoboka, kurengera, gufasha no guteza imbere abatishoboye bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, abandi batishoboye, abafite ubumuga, imfubyi, abapfakazi n'abandi bakeneye inkunga yihutirwa;	9 º to implement the policy of assistance, protection and promotion of the neediest survivors of the genocide against the Tutsi, other vulnerable people, disabled people, orphans, widows, and other people in need of emergency assistance;	9 º mettre en exécution le programme d'assistance aux rescapés les plus démunies du génocide perpétré contre les Tutsi, autres personnes vulnérables, personnes handicapées, orphelins, veufs et veuves et autres personnes ayant besoin d'une assistance d'urgence ;
10 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gukangurira abaturage politiki y'Igihugu y'iterambere ry'Umuryango;	10 º to follow up the implementation of the programme meant for sensitizing the population on the national policy for family promotion;	10 ºassurer le suivi de la mise en œuvre du programme de sensibilisation de la population ā la politique nationale de promotion de la famille ;
11 º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gufata neza no kurinda inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi n'amarimbi;	11 º to follow up the implementation of strategies meant for maintaining and protecting memorial sites of the genocide against the Tutsi and cemeteries;	11 ºassurer le suivi de l'exécution des stratégies d'entretien et de protection des sites mémoriaux du génocide perpétré contre les Tutsi et des cimetières ;
12 º kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage bijyanye n'imibereho myiza;	12 º to receive and solve petitions of the population related to social affairs;	12 ºrecevoir et résoudre les pétitions relatives au bien-être social ;
13 º gukurikirana, kugenzura no guhuza ibikorwa by'imiryango itari iya Leta birebana n'imibereho myiza y'abaturage;	13 º to follow up, monitor and coordinate activities of Non-Governmental Organizations related to social affairs;	13 ºassurer le suivi, le contrôle et la coordination des activités des organisations non gouvernementales à vocation sociale ;

14 º gutegura gahunda y'ibikorwa yerekeye inshingano ze;	14 º to prepare an action plan related to his or her responsibilities;	14 ºélaborer un plan d'action relatif à ses attributions ;
15 º gusobanura buri mezi atandatu (6) raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano ze imbere y'Inama Njyanama y'Akarere;	15 º to present to the District Council the activity report relating to his or her responsibilities every six (6) months;	15 ºprésenter chaque six (6) mois le rapport d'activités relevant de ses attributions devant le Conseil de District;
16 º gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'inshingano ze;	16 º to sign other documents relating to his or her responsibilities;	16 ºsigner les documents en rapport avec ses attributions ;
17 º gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa na Komite Nyobozi y'Akarere bijyanye n'inshingano ze.	17 º to carry out such other duties as may be assigned to him or her by the District Council or the District Executive Committee falling within his or her responsibilities.	17 ºexécuter toute autre tâche rentrant dans ses attributions pouvant lui être confiée par le Conseil de District ou le Comité exécutif de District.
Ingingo ya 38: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 38: Conditions required to be a member of the District Executive Committee**	**Article 38 : Conditions requises pour être membre du Comité exécutif de District**
Kugira ngo umuntu yemererwe kuba mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere agomba kuba yujuje ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora**.**	To be a member of the District Executive Committee, a person must meet the conditions required by the Organic Law governing elections.	Pour être membre du Comité exécutif de District, une personne doit remplir les conditions exigées par la loi organique régissant les élections.
Ingingo ya 39: Itorwa ry'abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**Article 39: Election of the District Executive Committee**	**Article 39 : Élection du Comité exécutif de District**
Abagize Komite Nyobozi y'Akarere batorwa mu ibanga mu Bajyanama batorewe kujya mu Nama Njyanama	Members of the District Executive Committee are elected by secret ballot from councillors elected to the District	Les membres du Comité exécutif de District sont élus au scrutin secret parmi les conseillers élus au Conseil de District,

y'Akarere, bujuje ibisabwa kandi babyiyamamariza hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko.	Council, who fulfil the prescribed requirements and who run for election in accordance with laws.	qui remplissent les conditions requises et qui se présentant comme candidats conformément aux lois.
Igikorwa cy'amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Akarere kiyoborwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nyuma y'umuhango wo kurahiza abagize Inama Njyanama y'Akarere no gutora abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere.	The election of members of the District Executive Committee is conducted by the National Electoral Commission after the swearing-in of members of the District Council and elected members of the Bureau of the District Council.	L'élection des membres du Comité exécutif de District est dirigée par la Commission Électorale Nationale après la prestation de serment par les membres du Conseil de District et l'élection des membres du Bureau du Conseil de District.
<u>Ingingo ya 40</u>: Kurahira kw'abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**<u>Article 40</u>: Swearing-in of members of the District Executive Committee**	**<u>Article 40 </u>: Prestation de serment des membres du Comité exécutif de District**
Mbere yo gutangira imirimo yabo kandi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3), abagize Komite Nyobozi y'Akarere batowe barahirira mu ruhame indahiro iteganyijwe mu ngingo ya 63 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.	Before assuming office and within a period of not more than three (3) days, members elected to the District Executive Committee take an oath provided for by Article 63 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015.	Avant d'entrer en fonction et dans une période ne dépassant pas trois (3) jours, les membres du Comité exécutif de District élus prêtent le serment prévu par l'article 63 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015.
Urukiko rubifitiye ububasha rwakira indahiro y'abagize Komite Nyobozi y'Akarere bamaze kurahira. Uwarahiye wese ashyira umukono ku nyandiko y'indahiro yabigenewe.	The competent court administers the oath of office of members of the District Executive Committee. Each person sworn-in signs a copy of the oath of office provided for such purpose.	Le tribunal compétent administre le serment des membres du Comité exécutif de District. Tout membre ayant prêté serment appose sa signature sur la copie de serment prévue à cet effet.
Umuhango wo kurahira uyoborwa na Guverineri w'Intara ako Karere karimo cyangwa uwo yabihereye ububasha mu nyandiko.	The swearing-in ceremony is presided over by the Governor of a Province in which a District is located or any other official duly mandated in writing.	La cérémonie de prestation de serment est présidée par le Gouverneur d'une province où est situé un District ou par la personne à laquelle il délègue ses pouvoirs par écrit.

<u>Ingingo ya 41</u>: Manda y'abagize Komite Nyobozi y'Akarere	**<u>Article 41</u>: Term of office of members of the District Executive Committee**	**<u>Article 41</u> : Mandat des membres du Comité exécutif de District**
Abagize Komite Nyobozi y'Akarere batorerwa manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa. Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ntibashobora kurenza manda ebyiri (2) zikurikirana.	Members of the District Executive Committee are elected for a renewable five (5) year term. Members of the District Executive Committee cannot serve for more than two (2) consecutive terms of office.	Les membres du Comité exécutif de District sont élus pour un mandat renouvelable de cinq (5) ans. Les membres du Comité exécutif de District ne peuvent exercer plus de deux (2) mandats successifs.
Icyakora, iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere avuye mu mwanya hasigaye igihe kitarenze umwaka umwe (1) ngo manda irangire, umusimbuye afite uburenganzira bwo kwiyamamaza ku zindi manda ebyiri (2) zikurikirana.	However, if a member of the District Executive Committee ceases his or her duties when the remainder of the term of office does not exceed one (1) year, his or her substitute has the right to stand for election for two (2) consecutive terms.	Cependant, si un membre du Comité exécutif de District cesse ses fonctions alors que la durée du mandat restant à courir ne dépasse pas une (1) année, son remplaçant a le droit de se présenter aux élections pour deux (2) autres mandats successifs.
Umuntu utorewe gusimbura ugize Komite Nyobozi y'Akarere wavuye mu mwanya arangiza manda uwo asimbuye yari asigaje. Nta tora ryo gusimbura rikorwa iyo hasigaye amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo manda irangire.	The person elected as substitute of a member of the District Executive Committee who ceases his or her duties serves the remainder of the term of office of his or her predecessor. No election for replacement is held when the remainder of the term of office does not exceed six (6) months.	La personne élue pour remplacer un membre du Comité exécutif de District qui cesse ses fonctions termine le reste du mandat de son prédécesseur. Il n'est pas procédé aux élections de remplacement lorsque la durée du mandat restant à courir ne dépasse pas six (6) mois.
<u>Ingingo ya 42</u>: Ubuyobozi bw'agateganyo mu gihe cy'amatora y'abagize Inama Njyanama y'Akarere	**<u>Article 42</u>: Temporary management during elections of members of the District Council**	**<u>Article 42</u> : Direction temporaire lors des élections des membres du Conseil de district**
Mu gihe cy'amatora y'abagize Inama Njyanama y'Akarere, Akarere kayoborwa	During elections of members of the District Council, a district is temporarily managed	Lors des élections des membres du Conseil de District, un District est dirigé

by'agateganyo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wako. Ubu buyobozi bw'agateganyo butangira ku munsi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangaje urutonde ntakuka rw'abakandida bemerewe kwiyamamaza ku myanya y'abagize Inama Njyanama y'Akarere.	by its Executive Secretary. This temporary management commences on the day on which the National Electoral Commission has published the final list of candidates allowed to run for the posts of members of the District Council.	temporairement par son Secrétaire exécutif. Cette direction temporaire commence le jour où la Commission Nationale Électorale a publié la liste finale des candidats autorisés à se faire élire aux postes de membres du Conseil de District.
Ingingo ya 43: Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Komite Nyobozi	**Article 43: Salary and fringe benefits allocated to members of the Executive Committee**	**Article 43 : Salaire et autres avantages accordés aux membres du Comité exécutif**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Komite Nyobozi y'Akarere.	An Order of the Prime Minister determines the salary and fringe benefits allocated to members of the Executive Committee of the District.	Un arrêté du Premier Ministre détermine le salaire et autres avantages accordés aux membres du Comité exécutif de District.
Ingingo ya 44: Ibihabwa ugize Komite Nyobozi ucyuye igihe	**Article 44: Allowances for a member of the Executive Committee whose term of office comes to an end**	**Article 44 : Avantages accordés à un membre du Comité exécutif dont le mandat prend fin**
Umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere ucyuye igihe nta makosa yerekeye imirimo yari ashinzwe amuhama, akomeza guhabwa umushahara yagenerwaga buri kwezi mu gihe cy'amezi atandatu (6), uvanyemo ibyo yahabwaga mu rwego rwo kumworohereza akazi keretse ibiteganywa ukundi n'amategeko.	A member of the District Executive Committee whose term of office comes to an end with no record of professional misconduct continues to receive his or her salary for a period of six (6) months, with no facilitation allowance unless otherwise provided by law.	Un membre du Comité exécutif de District dont le mandat prend fin sans qu'une faute professionnelle ne lui soit reprochée continue à bénéficier de son salaire mensuel pendant six (6) mois, sans avantages de facilitation de son travail, sauf disposition contraire de la loi.
Iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere ucyuye igihe ahawe undi murimo mbere y'uko amezi atandatu (6)	If a member of the District Executive Committee whose term of office comes to an end is appointed to another post before	Lorsqu'un membre du Comité exécutif de District dont le mandat prend fin est nommé à une autre fonction avant six (6)

arangira, ntacyo agenerwa kindi kuva igihe atangiriye guhembwa.	the end of the period of six (6) months, he or she does not receive that salary from the time he or she begins earning a new salary.	mois il cesse de recevoir ce salaire dès réception de son nouveau salaire.
Ingingo ya 45: Gufatira icyemezo ugize Komite Nyobozi y'Akarere witwaye nabi	**Article 45: Suspension and dismissal of a member of the District Executive Committee for misconduct**	**Article 45 : Suspension et révocation d'un membre du Comité exécutif de District pour inconduite**
Iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere yitwaye nabi bigaragara, atuzuza inshingano ze uko bikwiye cyangwa atesha agaciro umurimo ashinzwe, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere abyibwirije cyangwa abisabwe nibura na 1/3 cy'abayigize, atumiza inama y'Inama Njyanama y'Akarere kugira ngo imufatire ibyemezo hakurikijwe amakosa aba yayigaragarije mu nyandiko.	If a member of the District Executive Committee demonstrates gross misconduct, fails to perform properly his or her duties or dishonours his or her duties, the Chairperson of the District Council, at own initiative or upon request by at least 1/3 of members of the Council, convenes a meeting of the District Council in order to take action against him or her depending on the misconduct which he or she described in written statement intended for the Council.	Lorsqu'un membre du Comité exécutif de District affiche une inconduite notoire, ne remplit pas correctement ses fonctions ou pose des actes qui déshonorent ses fonctions, le président du Conseil de District, de sa propre initiative ou à la demande d'au moins 1/3 des membres du Conseil de District, convoque la réunion du Conseil de District pour prendre des mesures appropriées à son encontre sur base des fautes qu'il présente au Conseil dans un document écrit.
Ukekwaho ikosa agomba guhabwa umwanya uhagije wo kwiregura bikozwe mu magambo, Inama Njyanama y'Akarere itanyurwa ikamusaba ibisobanuro mu nyandiko.	The person suspected of misconduct is given enough time to defend himself or herself and when the District Council is not satisfied, it requests him or her to provide written justifications.	La personne soupçonnée de faute bénéficie d'un temps nécessaire pour se justifier verbalement et lorsque le Conseil de District n'est pas satisfait, il lui demande de se justifier par écrit.
Kuvanwaho burundu k'umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere bikorwa n'Inama Njyanama y'Akarere hakoreshejwe itora kandi bikemezwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abari muri iyo nama y'Inama Njyanama	The dismissal of a member of the District Executive Committee is done by the District Council through elections and after approval by at least a two third (2/3) vote of the members present in that District Council meeting who are eligible to vote.	La révocation d'un des membres du Comité Exécutif de District est décidée par le Conseil de District par voie de vote par au moins la majorité de deux tiers (2/3) des voix des membres présents à cette réunion du Conseil de District autorisés à voter.

y'Akarere bemerewe gutora.		
Ingingo ya 46: Ivanwaho ry'abagize Komite Nyobozi bose	**Article 46: Dismissal of all members of the Executive Committee**	**Article 46 : Révocation de tous les membres du Comité exécutif**
Inama Njyanama y'Akarere ishobora kuvanaho abagize Komite Nyobozi y'Akarere bose iyo bigaragaye ko bafatanyije amakosa. Icyo gihe icyemezo gifatirwa bose.	The District Council may dismiss all members of the District Executive Committee if evidence of collective responsibility is found. In this case, action is taken against all members.	Le Conseil de district peut révoquer tous les membres du Comité exécutif de District s'il est prouvé qu'il y a eu une responsabilité collective. Dans ce cas, des mesures sont prises contre tous les membres.
Icyemezo cyo kuvanaho abagize Komite Nyobozi y'Akarere bose gifatirwa buri muntu ukwe hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko.	The decision to dismiss all members of the District Executive Committee is made on a case by case basis in accordance with the law.	La décision de révocation d'un membre du Comité exécutif de District est prise au cas par cas conformément à la loi.
Kuvanwaho burundu k'ugize Komite Nyobozi y'Akarere bikorwa n'Inama Njyanama y'Akarere mu buryo buteganywa mu gika cya gatatu (3) cy'ingingo ya 45 y'iri tegeko.	The dismissal of a member of the District Executive Committee is carried out by the District Council in accordance with Paragraph three (3) of Article 45 of this Law.	La révocation d'un membre du Comité exécutif de District se fait par le Conseil de district conformément à l'alinéa trois (3) de l'article 45 de la présente loi.
Ingingo ya 47 : Uburenganzira bw'ugize Komite Nyobozi y'Akarere bwo kuregera icyemezo yafatiwe	**Article 47: Right of a member of the District Executive Committee to appeal against action taken against him or her**	**Article 47 : Droit d'un membre du Comité exécutif de District de faire recours contre une mesure prise à son encontre**
Ugize Komite Nyobozi y'Akarere wafatiwe icyemezo kitamunyuze ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha iyo abona ko yarenganyijwe. Ibyo bikorwa mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) ibarwa	A member of the District Executive Committee against whom an action has been taken may lodge an appeal with a competent court if he or she feels that action has been taken unfairly. This is done	Un membre du Comité exécutif de District qui a fait l'objet d'une mesure peut introduire un recours devant la juridiction compétente s'il estime que la mesure est injustifiée. Cela se fait dans un délai de

uhereye ku munsi w'ifatwa ry'icyemezo.	within fifteen (15) days from the day of taking action.	quinze (15) jours à partir de la prise de la mesure.
Ingingo ya 48: Kuyobora Akarere by'agateganyo	**Article 48: Transitional management of a District**	**Article 48 : Direction transitoire d'un District**
Iyo Umuyobozi w'Akarere n'abamwungirije bakuwe mu mirimo yabo icyarimwe, mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye ku munsi Umuyobozi w'akarere n'abamwungirije bahagarikiye imirimo, Guverineri w'intara ateranya Inama Njyanama y'Akarere idasanzwe ikitoramo uyobora Akarere by'agateganyo. Itora ry'umuyobozi w'Akarere w'agateganyo rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.	If the District Mayor and his or her deputies are dismissed at the same time, within a period of three (3) months from the day on which the District Mayor and his or her deputies ceased their duties, the Provincial Governor convenes an extraordinary meeting of the District Council to elect from among its members an acting Mayor. The election of an acting Mayor is conducted in accordance with the Organic Law governing elections**.**	Si le maire de district et ses adjoints sont révoqués en même temps, dans un délai de trois (3) mois à compter du jour où le maire de District et ses adjoints ont cessé d'exercer leurs fonctions, le Gouverneur de Province convoque une réunion extraordinaire du Conseil de District pour élire en son sein un maire intérimaire. L'élection d'un maire intérimaire se déroule conformément à la loi organique régissant les élections.
Akiciro ka 3: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa 'bw'Akarere	**Sub-section 3: District Executive Secretariat**	**Sous-section 3 : Secrétariat exécutif de district**
Ingingo ya 49: Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	**Article 49: Responsibilities of the Executive Secretariat**	**Article 49 : Attributions du Secrétariat exécutif**
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere bufite inshingano zikurikira:	The District Executive Secretariat has the following responsibilities:	Le Secrétariat exécutif de District a les attributions suivantes :
1 º guhuza ibikorwa by'Akarere;	1 º to coordinate activities of a district;	1 º coordonner les activités d'un District ;
2 º gutegura igenamigambi na gahunda z'iterambere by'Akarere no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa	2 º to develop the action plan and development programmes of a district and monitor their implementation;	2 º préparer le plan d'action et les programmes de développement d'un District et faire le suivi de leur

ryabyo;		exécution ;
3 º gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Akarere;	3 º to prepare the draft budget proposal of a district;	3 º préparer l'avant-projet de budget d'un District ;
4 º gukurikirana ibikorwa bijyanye n'iyinjizwa ry'imisoro n'amahoro n'ibindi bintu byose bishobora kongera umutungo w'Akarere hakurikijwe amategeko;	4 º to monitor activities relating to the collection of taxes and fees and any other actions which can contribute to increasing the economy of a District in accordance with laws;	4 º faire le suivi des activités de la collecte des impôts et taxes et toutes autres actions pouvant contribuer à la croissance de l'économie d'un District conformément aux lois;
5 º gukurikirana no gukora imirimo yose ijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ikorerwa mu Karere ;	5 º to monitor and perform all activities relating to the implementation of projects implemented in a district;	5 º suivre et réaliser toutes les activités relatives à la mise en œuvre des projets exécutés dans un District ;
6 º gukurikirana cyangwa gushyira mu bikorwa itangwa rya serivisi zitangirwa ku rwego rw'Akarere;	6 º to monitor or perform services provided at the district level;	6 º suivre ou exécuter la prestation de services rendus au niveau de District ;
7 º gucunga abakozi b'Akarere.	7 º to manage the staff of a district.	7 º gérer le personnel d'un District.
Ingingo ya 50: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere	**Article 50: Members of the District Executive Secretariat**	**Article 50 : Membres du Secrétariat exécutif de District**
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'abandi bakozi bako bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.	The District Executive Secretariat shall comprise the District Executive Secretary and other staff appointed in accordance with relevant laws.	Le Secrétariat exécutif de District est composé du Secrétaire exécutif de District et d'autres agents nommés conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 51: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere	**Article 51: Responsibilities of the District Executive Secretary**	**Article 51 : Attributions du Secrétaire exécutif de District**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ashinzwe ibi bikurikira:	The District Executive Secretary is responsible for the following:	Le Secrétaire exécutif de District est chargé de ce qui suit :
1 º kuyobora abakozi mu mirimo y'Akarere no gukurikirana imikorere yabo ya buri munsi n'imicungire yabo;	1 º to supervise the administrative staff of a District and to monitor their daily performance and their management;	1 º superviser le personnel administratif d'un District et suivre leurs performances quotidiennes et leur gestion ;
2 º gucunga imari n'umutungo by'Akarere, gushyira mu bikorwa imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere no kubikorera raporo igenerwa Komite Nyobozi y'Akarere;	2 º to manage the finances and assets of a district, execute the budget of a District and prepare a report thereof to be submitted to the District Executive Committee;	2 º assurer la gestion des finances et du patrimoine d'un District, exécuter le budget d'un District et en faire rapport au Comité exécutif de District ;
3 º guhuza ibikorwa bijyanye n'iyinjizwa ry'imisoro n'amahoro n'ibindi bintu byose bishobora kongera umutungo w'Akarere;	3 º to coordinate the activities relating to the collection of taxes and set up strategies aimed at increasing the economy of a District;	3 º coordonner les activités de perception des impôts et taxes et autres activités visant la croissance de l'économie d'un District ;
4 º guhuza no gucunga ibikorwa by'imishinga ikorera mu Karere;	4 º to coordinate and monitor projects operating in a District;	4 º coordonner et superviser les activités des projets œuvrant dans un District ;
5 º gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda yo kongererera ubushobozi abakozi b'Akarere;	5 º to prepare and implement a capacity building plan for the staff of a District;	5 º élaborer et mettre en œuvre le programme de renforcement des capacités du personnel d'un District ;
6 º gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa mu Karere no	6 º to prepare and execute the action plan of a district and submit the activity	6 º élaborer et mettre en œuvre le plan d'action d'un District et soumettre le

gushyikiriza raporo Komite Nyobozi y'Akarere;	report to the District Executive Committee;	rapport d'activités au Comité exécutif de District ;
7 º kugeza ku Nama Njyanama y'Akarere umushinga w'ingengo y'imari kugira ngo iwemeze;	7 º to submit to the District Council the draft budget for adoption;	7 º soumettre au Conseil de District le projet de budget pour adoption ;
8 º kuyobora inama z'abakozi mu Karere;	8 º to chair meetings with the staff of a District;	8 º diriger les réunions du personnel d'un District ;
9 º kuba Umwanditsi w'inama za Komite Nyobozi y'Akarere;	9 º to be the rapporteur of the District Executive Committee meetings;	9 º être le rapporteur des réunions du Comité exécutif de District ;
10 º kuyobora ibikorwa byo kumenya no guha agaciro umutungo utimukanwa;	10 º to supervise activities meant for making an inventory of immovable assets and determining their value;	10 ºsuperviser les activités visant à inventorier le patrimoine immobilier et en déterminer la valeur;
11 º gukurikirana iyishyuzwa n'iyishyura ry'imyenda;	11 º to monitor the recovery and payment of debts;	11 ºsuivre le recouvrement et le paiement des dettes;
12 º gukurikirana imicungire y'amadosiye y'abakozi b'Akarere hakurikijwe amategeko abigenga;	12 º to monitor the management of files of a District staff in accordance with relevant laws;	12 ºveiller à la gestion des dossiers du personnel d'un District conformément à la législation en la matière ;
13 º kurangiza imanza ziri mu bubasha bwe;	13 º to enforce judgments falling within his competence;	13 ºexécuter les jugements relevant de sa compétence ;
14 º kuyobora by'agateganyo Akarere mu gihe cy'amatora y'abagize Inama Njyanama y'Akarere na Komite Nyobozi y'Akarere;	14 º to serve as an acting Mayor during the election of members of the District Council and District Executive Committee;	14 ºservir de maire intérimaire lors des élections des membres du Conseil de District et du Comité exécutif de District ;
15 º gusobanura buri mezi atandatu (6)	15 º to present every six (6) months the	15 ºprésenter tous les six (6) mois le

raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama y'Akarere;	report of the budget execution to the District Council;	rapport d'exécution du budget devant le Conseil de District ;
16 º gushyira mu bikorwa amabwiriza n'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere n'ibya Komite Nyobozi y'Akarere;	16 º to implement instructions and decisions of the District Council and the District Executive Committee;	16 ºexécuter les instructions et les décisions du Conseil de district et du Comité exécutif de District ;
17 º gukora indi mirimo yose iri mu nshingano ze yahabwa n'izo nzego.	17 º to perform such other duties falling within his or her responsibilities as may be assigned to him or her by such organs;	17 º s'acquitter de toute autre tâche relevant de ses attributions qui peut lui être confiée par ces organes.
Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere adahari, asimburwa n'umuyobozi umukurikira mu ntera. Iyo abamukurikira mu ntera barenze umwe asimburwa n'umwe muri bo ugenwa na Komite Nyobozi y'Akarere.	When the District Executive Secretary is absent, he or she is replaced by an official who is next in rank. When there are more than one official next in rank, he or she is replaced by one of them designated by the District Executive Committee.	En cas d'absence du secrétaire exécutif de District, il est remplacé par le dirigeant au grade suivant. Lorsqu'il y a plus d'un dirigeant au grade suivant, il est remplacé par l'un d'entre eux désigné par le Comité exécutif de District.
Ingingo ya 52: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Abakozi b'Akarere	**Article 52: Organisational structure of a District**	**Article 52 : Structure organisationnelle d'un District**
Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'abakozi b'Akareree igenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The organisational structure of a District is determined by an Order of the Prime Minister.	La structure organisationnelle d'un District est déterminée par arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 53: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Akarere bigenwa hakurikijwe amategeko abigenga.	**Article 53: Salaries and fringe benefits for the staff** Salaries and fringe benefits for the staff of a District are determined in accordance with relevant laws.	**Article 53 : Salaires et autres avantages accordés au personnel** Les salaires et autres avantages accordés au personnel d'un District sont déterminés conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 54: Amafaranga agenerwa inzego z'imitegekere y'Igihugu mu Karere yo gutunganya inshingano zihariye Amafaranga agenerwa inzego z'imitegekere y'Igihugu mu Karere yo gutunganya inshingano zihariye agenwa n'Inama Njyanama y'Akarere hakurikijwe amategeko abigenga.	**Article 54: Operation fees for administrative entities within a District** Operation fees for administrative entities within a District are determined by the District Council in accordance with relevant laws.	**Article 54 : Frais d'opérations pour les entités administratives au sein d'un District** Les frais d'opérations pour les entités administratives au sein d'un District sont déterminés par le Conseil de District conformément à la législation en la matière.
Akiciro ka 4: Komite y'Umutekano y'Akarere **Ingingo ya 55: Inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere bya Komite y'umutekano** y'Akarere Iteka rya Perezida rigena Inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere bya Komite y'umutekano y'Akarere.	**Sub-section 4: District Security Committee** **Article 55: Responsibilities, powers, organization and functioning of the District Security Committee** A Presidential Order determines responsibilities, powers, organization and functioning of the District Security Committee.	**Sous-section 4 : Comité de sécurité de District** **Article 55 : Attributions, compétence, organisation et fonctionnement du Comité de sécurité de District** Un arrêté présidentiel détermine les attributions, la compétence, l'organisation et le fonctionnement du Comité de sécurité de District.

UMUTWE WA III: KOMITE MPUZABIKORWA Y'AKARERE	**CHAPTER III: DISTRICT COORDINATING COMMITTEE**	**CHAPITRE III : COMITÉ DE COORDINATION DE DISTRICT**
Ingingo ya 56: Komite Mpuzabikorwa	**Article 56: Coordinating Committee**	**Article 56 : Comité de coordination**
Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere ni urwego nyunguranabitekerezo ku iterambere n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta mu Karere, imikorere n'imikoranire y'inzego, inzitizi zihari no gutanga ibitekerezo by'uburyo byakemuka.	The District Coordinating Committee is a consultative organ with regard to issues pertaining to development and implementation of Government programmes at the District level, institutional relations, challenges and advice to find solutions thereto.	Le Comité de coordination de District est un organe consultatif sur les questions relatives au développement et à la mise en œuvre des programmes de l'État au niveau de District, aux relations institutionnelles, aux défis et avis quant à la recherche de leurs solutions.
Ingingo ya 57: Inshingano za Komite Mpuzabikorwa	**Article 57: Responsibilities of the Coordinating Committee**	**Article 57 : Attributions du Comité de coordination**
Komite Mpuzabikorwa ifite inshingano zikurikira:	The District Coordinating Committee has the following responsibilities:	Le Comité de coordination de District a les attributions suivantes :
1 º gusesengura uburyo gahunda z'iterambere mu Karere zishyirwa mu bikorwa;	1 º to assess development programmes implementation process in a District;	1 º évaluer le processus d'exécution des programmes de développement dans un District ;
2 º kugaragaza inzitizi zibangamiye ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta mu Karere no kujya inama ku buryo zakemuka;	2 º to identify challenges encountered in implementing the government programmes at the district level and provide advice as to solving them;	2 º identifier les défis rencontrés dans la mise en œuvre des programmes de l'État au niveau de District et donner des conseils quant à leurs solutions ;
3 º kugaragaza inzitizi inzego z'ibanze zihura nazo mu gushyira mu bikorwa inshingano zazo no gutanga ibitekerezo ku ngamba	3 º to identify challenges that the administration at grassroots levels encounter and provide advice as to solving them;	3 º identifier les défis auxquels se heurtent les entités d'administration au niveau de base et donner des conseils quant à leurs solutions ;

zatuma bikemuka;		
4 º kwigira hamwe uburyo imikorere y'inzego z'ibanze yarushaho kuba myiza hagamijwe gutanga serivisi zinoze;	4 º to look for ways of improving the functioning of the administration at the grassroots levels with a view to ensuring quality service delivery;	4 º rechercher des voies et moyens pour l'amélioration du fonctionnement des entités d'administration au niveau de base en vue d'assurer la prestation de services de qualité ;
5 º kugira inama Akarere mu bikorwa by'imihigo haba mu gutegura imihigo no gufata ingamba zatuma imihigo ishobora kugerwaho;	5 º to advise a District on issues relating to performance contract in its preparation and in taking measures for its implementation;	5 º donner des conseils à un District sur les questions relatives au contrat de performance, que ce soit pendant sa préparation et pendant la prise des mesures de son exécution ;
6 º kugira inama ubuyobozi bw'Akarere mu bindi yabona ko ari ngombwa mu gufasha Akarere kurangiza neza inshingano zako.	6 º to advise the District management on any other issues which the Committee finds appropriate to a smooth fulfilment of the mission of a District.	6 º donner à l'administration d'un District des conseils sur toute autre question que le Comité trouve nécessaire au meilleur accomplissement de la mission d'un District.
Ingingo ya 58: Imiterere ya Komite Mpuzabikorwa	**Article 58: Structure of the Coordination Committee**	**Article 58 : Structure du Comité de coordination**
Komite Mpuzabikorwa y'Akarere igizwe n'aba bakurikira:	The District Coordination Committee comprises the following:	Le Comité de coordination de District est composé comme suit :
1 º Abagize Komite Nyobozi y'Akarere;	1 º the members of the District Executive Committee;	1 º les membres du Comité exécutif de District ;
2 º Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;	2 º the District Executive Secretary;	2 º le Secrétaire exécutif de District ;
3 º Abayobozi b'Amashami ku rwego	3 º the Heads of Department at the District	3 º les Chefs de services au niveau de

rw'Akarere;	level;	District ;
4 º Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere;	4 º the Executive Secretaries of sectors of a District;	4 º les Secrétaires exécutifs des secteurs d'un district ;
5 º Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari tugize Akarere;	5 º the Executive Secretaries of cells of a District;	5 º les Secrétaires exécutifs des cellules d'un district ;
6 º Abayobozi b'Imidugudu igize Akarere;	6 º the Coordinators of villages of a District;	6 º les Coordinateurs des villages d'un District ;
7 º Abakuriye inzego z'umutekano zikorera mu Karere;	7 º the Heads of security organs operating in a District;	7 º les Chefs des services de sécurité œuvrant dans un District ;
8 º Undi muntu wese Komite Nyobozi y'Akarere yasanga ari ngombwa kuyitumirwamo.	8 º any other person as may be deemed necessary by the District Executive Committee.	8 º toute autre personne jugée nécessaire par le Comité exécutif de District.
Ingingo ya 59: Imikorere ya Komite Mpuzabikorwa	**Article 59: Functioning of the Coordination Committee**	**Article 59 : Fonctionnement du Comité de coordination**
Komite Mpuzabikorwa y'Akarere iterana inshuro imwe mu mwaka n'ikindi gihe bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikanayoborwa n'umuyobozi w'Akarere naho Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere akayibera umwanditsi.	The District Coordination Committee meets once every year and whenever necessary. The meeting is convened and chaired by the District Mayor and the District Executive Secretary is its rapporteur.	Le Comité de coordination de District se réunit une fois par an et chaque fois que de besoin. La réunion est convoquée et présidée par le maire de District et le Secrétaire exécutif de District en est le rapporteur.
Inama ya Komite Mpuzabikorwa ikorerwa inyandiko mvugo igashyikirizwa Guverineri w'Intara, Minisitiri na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bireba bagenerwa kopi.	The meeting of the Coordination Committee is subject to a verbatim report which is submitted to the Provincial Governor. A copy of the same is served on the Minister and the Chairperson of the	La réunion du Comité de coordination fait l'objet d'un procès-verbal qui est soumis au Gouverneur de province, le Ministre ainsi que le président du Conseil de District concerné en reçoivent copie.

	concerned District Council.	
Urwego rwahawe inyandikomvugo rushobora kujya inama yuko ibitekerezo n'inama byatanzwe mu nama ya Komite Mpuzabikorwa byashyirwa mu bikorwa.	The organ on which the verbatim report is served may provide advice on the implementation of proposals and opinions from the meeting of the Coordination Committee.	L'organe auquel est transmis le procès-verbal peut donner un avis sur l'exécution des suggestions et opinions issues de la réunion du Comité de coordination.
UMUTWE WA IV: INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY' UMURENGE, AKAGARI N'UMUDUGUDU	**CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF A SECTOR, CELL AND VILLAGE**	**CHAPITRE IV : ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT D'UN SECTEUR, D'UNE CELLULE ET D'UN VILLAGE**
Ingingo ya 60: Inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Umurenge, Akagari n'Umudugudu	**Article 60: Responsibilities, organisation and functioning of a Sector, Cell and Village**	**Article 60 : Attributions, organisation et fonctionnement d'un Secteur, d'une Cellule et d'un Village**
Iteka rya Perezida rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Umurenge, Akagari n'Umudugudu by'Akarere.	A Presidential Order determines responsibilities, organisation and functioning of a Sector, Cell and Village within a District.	Un arrêté présidentiel détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement d'un Secteur, d'une Cellule et d'un Village au sein d'un District.
Umurenge ushobora gushyirwa mu cyiciro cy'Umurenge w'Umujyi. Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena iyo Mirenge n'imicungire yayo yihariye.	A sector may be classified in the category of urban sector. An Order of the Prime Minister determines such sectors and their specific management.	Un secteur peut être classé dans la catégorie de secteur urbain. Un arrêté du Premier Ministre détermine ces secteurs et leur gestion spécifique.

UMUTWE WA V: IMIKORANIRE, UBUFATANYE N'UBUTWERERANE	**CHAPTER V: COLLABORATION, PARTNERSHIP AND COOPERATION**	**CHAPITRE V : COLLABORATION, PARTENARIAT ET COOPÉRATION**
Ingingo ya 61: Imikoranire hagati y'Akarere n'izindi nzego za Leta zo ku rwego rw'Igihugu Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo bw'imikoranire hagati y'Akarere n'inzego za Leta zo ku rwego rw'Igihugu.	**Article 61: Collaboration between a District and other State institutions at national level** A Prime Minister's Order determines modalities for collaboration between a District and State institutions at national level.	**Article 61 : Collaboration entre un District et les autres institutions de l'État au niveau national** Un Arrêté du Premier Ministre détermine les modalités de collaboration entre un District et les institutions de l'État au niveau national.
Ingingo ya 62: Ubufatanye bw'Uturere Uturere dufite ubuzimagatozi hagati yatwo cyangwa hagati yatwo n'Umujyi wa Kigali bifite uburenganzira bwo gufatanya n'ubwo gushyira hamwe umutungo wabyo kugira ngo bigere ku bikorwa bibifitiye akamaro.	**Article 62: Partnership among Districts** Districts with legal personality have the right to enter into partnership with one another or with the City of Kigali and may mobilise their resources for the conduct of activities of common interest.	**Article 62: Partenariat entre les Districts** Les Districts dotés de personnalité juridique ont le droit de nouer des partenariats les uns avec les autres ou avec la Ville de Kigali et peuvent mobiliser leurs ressources pour mener des activités d'intérêt commun.
Ingingo ya 63: Ubutwererane hagati y'Akarere n'inzego z'imitegekere zo mu mahanga Akarere gafite uburenganzira bwo gutsura umubano n'inzego z'ubuyobozi z'Uturere, Intara cyangwa Imijyi byo mu mahanga mu rwego rw'umubano ushingiye ku butwererane, bibanje kumenyeshwa Minisitiri na Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga n'ubutwererane mu nshingano	**Article 63: Cooperation between a District and foreign administrative entities** A District has the right to engage in cooperation relationships with foreign Districts, Provinces and Cities as part of cooperation relations after prior notification to the Minister and the Minister in charge of foreign affairs.	**Article 63 : Coopération entre un District et les entités administratives étrangères** Un District a le droit d'établir des relations de coopération avec les Districts, Provinces et Villes étrangères dans le cadre des relations de coopération après en avoir informé le Ministre et le Ministre ayant les affaires étrangères et la coopération dans ses attributions.

UMUTWE WA VI: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER VI: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 64: Inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Inzego z'Ubuyobozi z'Akarere, iby'Inzego zigashamikiyeho n'imikoranire, ubufatanye n'ubutwererane n'izindi nzego	**Article 64: Responsibilities, organisation and functioning of governing organs of a District, those of affiliated organs and collaboration, partnership and cooperation with other organs**	**Article 64 : Attributions, organisation et fonctionnement des organes de direction d'un District, ceux des organes affiliés et collaboration, partenariat et coopération avec d'autres organes**
Inshingano, imitunganyiriz n'imikorere by'Inzego z'ubuyobozi z'Akarere, iby'inzego zigashamikiyeho, imikoranire, ubufatanye n'ubutwererane byazo n'izindi nzego byashyizweho hakurikijwe Itegeko nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, bikomeza gukurikizwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye umunsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Responsibilities, organisation and functioning of governing organs of a District, those of affiliated organs and collaboration, partnership and cooperation with other organs established by Law nº 87/2013 of 11/09/2013 determining the organisation and functioning of decentralized administrative entities, remain valid within a period of three (3) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Les attributions, l'organisation et le fonctionnement des organes de Direction d'un District, ceux des organes affiliés et la collaboration, le partenariat et la coopération avec d'autres organes créés par la Loi nº87/2013 du 11/09/2013 portant organisation et fonctionnement des entités administratives décentralisées, restent en vigueur dans un délai de trois (3) mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Ingingo ya 65: Urwego rukemura impaka zikomoka ku mbibi z'Uturere	**Article 65: Organ in charge of settlement of disputes arising from District boundaries**	**Article 65 : Organe de résolution des litiges résultant des limites des Districts**
Impaka zikomoka ku mbibi z'Uturere tugize Intara imwe zikemurwa n'Inama Njyanama zatwo zihujwe na Minisitiri.	Disputes arising from District boundaries of the same province are settled by their councils coordinated by the Minister.	Les litiges découlant des limites d'un District d'une même province sont réglés par leurs conseils coordonnés par le Ministre.

Impaka zikomoka ku mbibi z'Uturere tudahuje Intara zikemurwa na Minisitiri.	Disputes arising from boundaries of Districts of the different provinces are settled by the Minister.	Les litiges découlant des limites entre les Districts de différentes Provinces sont réglés par le Ministre.
Izo mpaka zikemurwa kandi na Minisitiri iyo zivutse hagati y'Akarere ko mu Mujyi wa Kigali n'Akarere ko mu Ntara.	The Minister also settles such disputes if they arise between a district of the City of Kigali and a District of a province.	Ces litiges sont également réglés par le Ministre lorsqu'ils concernent un district de la Ville de Kigali et un District d'une province.
Ingingo ya 66: Urwego rukemura impaka zikomoka ku mbibi z'Imirenge, Utugari n'Imidugudu	**Article 66: Organ in charge of settlement of disputes arising for Sectors, Cells and Villages boundaries**	**Article 66 : Organe de résolution des litiges résultant des limites des Secteurs, des Cellules et des Villages**
Impaka zishingiye ku mbibi z'Imirenge, Utugari n'Imidugudu zikemurwa n'Inama Njyanama y'Akarere bigashyirwa mu bikorwa nyuma yo kwemezwa na Guverineri w'Intara.	Disputes arising from boundaries of Sectors, Cells and Villages are settled by the District Council and implemented after the approval of the Provincial Governor.	Les litiges relatifs aux limites des Secteurs, des Cellules et des Villages sont résolus par le Conseil de district et mis en exécution après l'approbation du Gouverneur de Province.
Ingingo ya 67: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 67: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 67 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 68: Ingingo zizigama, n'ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 68: Saving and repealing provision**	**Article 68 : Disposition de sauvegarde et abrogatoire**
Uretse ingingo ya 84 y'Itegeko nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe	Except for Article 84 of Law nº 87/2013 of 11/09/2013 determining the organisation and functioning of decentralized administrative entities establishing the	À l'exception de l'article 84 de la Loi nº 87/2013 du 11/09/2013 portant organisation et fonctionnement des entités administratives décentralisées créant le

abaturage ishyiraho Komite y'Umutekano n'ingingo ya 136 y'Itegeko nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ishyiraho Komite Mpuzabikorwa y'Akarere, izindi ngingo zaryo zose n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.	Security Committee and Article 136 of Law nº 87/2013 of 11/09/2013 determining the organisation and functioning of decentralized administrative entities establishing the District Coordinating Committee, all its other provisions and all other prior provisions contrary to this Law are repealed.	Comité de sécurité et l'article 136 de la Loi nº 87/2013 du 11/09/2013 portant organisation et fonctionnement des entités administratives décentralisées créant le Comité de coordination de District, toutes ses autres dispositions et toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 69: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 69: Commencement**	**Article 69 : Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 09/10/2021 (sé) **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** (sé) **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux